# INTEGUZA

## No 6



# Ubutumwa bwiza n'Ubugorozi mu Itorero

Scanned by CamScanner

# IBIRIMO:

**UMUGABANE WA 1:DUKENEYE GUKIRANUKA KWA KRISTO..................5**

1) URUGENDO RW'ABISIRAYELI NK'URW'ITORERO RY'ABADIVANTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI.............................................................. 6

1.1) Ibyo twigira ku mateka y'Urugendo rw'Abisirael ........................ 9

1.2) Gusenga no kwiga ijambo ry'Imana: Ibanga ryo gutsinda.......... 11

1.3) Intwari mu bakurambere barangwaga n'amasengesho............ 13

2) UMUNSI W'IMPONGANO UGIYE KURANGIRA................................. 14

2.1) Inyifato ikwiriye mu gihe Umutambyi wacu Yesu akiri ahera cyane .............................................................................. 16

2.2) Uko abenshi bo mu itorero bameze ........................................ 18

3) GUKIRANUKA KWA KRISTO NI CYO CYA NGOMBWA ....................... 20

3.1) Hakenewe kwihana by'ukuri.................................................. 20

3.2) Hakenewe imbaraga y'Umwuka wera, ngo idushoboze guharara muri uko Gukiranuka..................................................................... 21

3.3) Hakenewe kwicisha bugufi mu mutima ngo twihane tumaramaje2

3.4) Hakenewe kwigira kuri Yesu .................................................. 23

3.5) Ni Ugukiranuka kunesha icyaha.............................................. 24

3.6) Gukiranuka kwa Kristo nk'umwambaro w'ubukwe................... 25

3.7) GUTEGURIRA INZIRA UMVURA Y'ITUMBA................................ 26

3.8) Ikimenyetso gishyirwa ku 144.000 gifitanye isano n'imvura y'itumba y'umwuka wera no kwezwa kw'imico. ............................ 27

3.9) Ibiranga uwakiriye Yesu by'ukuri............................................ 29

3.10) Umuburo.......................................................................... 31



Scanned by CamScanner

*UMUGABANE WA 2: UBUGOROZI MU ITORERO* ..... *35*

1) INYIFATO IKWIRIYE MU GIHE CYO GUSENGA ..... 36

1.1) Kwiyiringira birenze urugero ..... 38

1.2) Ku mavi mupfukamye ..... 39

1.3) Nta hantu hadakwiriye gusengerwa ..... 40

2) UBUKWE ..... 44

3) UMUBATIZO ..... 47

4) UMURYANGO ..... 48

5) ISABATO ..... 50

5.1) UKO ISABATO YITEGURWA ..... 50

5.2) UKO ISABATO YIZIHIZWA ..... 52

6) IMYAMBARIRE N'IMIRIRE ..... 54

7) MUZIKA MU MAKORALE YACU ..... 57

8) KIMWE MU ICUMI N'AMATURO ..... 62

9) AMADENI ..... 65

10) AMASHYIRAHAMWE ..... 67

11) ITORERO NA LETA ..... 69

12) UMUKRISTO NA POLITIKE ..... 70

13) UBUSAMBANYI ..... 71

14) URUKUNDO RWA KIVANDIMWE ..... 73

15) UMUBURO WIHUTIRWA GUTEKEREZAHO WO KUVA MU MIJYI ..... 75

16) IBWIRIZABUTUMWA ..... 80



Scanned by CamScanner

16.1) Inkomyi ikunda kuboneka mu babwiriza ubwo butumwa butabakoreramo ........................................................................ 81

16.2) Ubu butumwa buzavugwa n'intwarane.................................... 83



Scanned by CamScanner

# UMUGABANE WA 1:DUKENEYE GUKIRANUKA KWA KRISTO



Scanned by CamScanner

## 1) URUGENDO RW'ABISIRAYELI NK'URW'ITORERO RY'ABADIVANTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI

Iyo dutekereje urwego Abisirael Imana yakuye mu gihugu cya Egiputa bagezeho bashayisha mu bibi, dutangazwa n'uko umuntu ateye !

Hari ibintu bibiri Imana yemeye ko Abanyegiputa bakorera Abisirael kugira ngo ibibutse ko muri Egiputa atari iwabo, ari nabyo byabateye gutaka. Ni ibi bikurikira:

Imana mu mbabazi zayo yemeye ko muri Egiputa hima umwami udashaka kuzirikana agaciro n'akamaro ka Yozefu muri Egiputa, maze uwo mwami aravuga ati "Dore Abisirael bahindutse ubwoko buturuta ubwinshi, buturusha amaboko nimuze **tubashakire ubwenge** :

1. Imirimo iruhije: *ubu kubona imibereho biragoye cyane, ku buryo nta mwanya tugifitiye Imana yacu.*
2. nihavuka umuhungu mujye mumuhotora: *ugerageje kuba intwari muri uru rugendo, abona ubutunzi bukamuherana.*

Imana yakuye abisirael mu Egiputa bageze ku rwego bayizinutswe bumva bacyeneye gutaha kurenza ikindi icyo aricyo cyose.

Imana niyo yagize umugambi wo kunyuza Abisirael mu butayu, ntabwo kunyura mu butayu kw'Abisirael ari gahunda ya Satani ahubwo yari gahunda y'Imana. Imana yifuzaga ko



Scanned by CamScanner

izabatunganiriza mu butayu ikabamaramo ubunyegiputa bwose ikazabageza i Kanani barahindutse; ariko na none Satani yari afite umugambi wo kubategera kuri ubwo bunyegiputa ngo abicire muri ubwo butayu, azababuze kuzagera i kanani. Tuzi uburyo Satani yarwanyije kugenda kw'Abisirael bava mu Egiputa, abonye ananiwe guheza Abisirael muri Egiputa yagambiriye kuzabicira mu butayu abicishije imico banduriye muri Egiputa.

Igihe Imana yabonaga ko Abisirael bakoreshwa ibyaha no kuba ari abana mu by'umwuka, ikabona ko bakora ibyaha kuko bandujwe na Egiputa bavukiyemo bakayimaramo imyaka myinshi, yabajyanye mu butayu bwa Sinayi babumaramo umwaka wose, ibagaburira ibyo kurya bivuye mu ijuru. Muri ubwo butayu niho Imana yabahereye amategeko y'uburyo bwose (Amategeko icumi, Amategeko y'imihango, Amategeko y'imibanire) Imana yari ifite umugambi wo kubigisha ngo ibakure mu bwana mu by'umwuka.

Nyuma y'aha rero, Imana ntiyari igifata Abisirael nk'abana, yari izi ko ibyigisho yabigishirije mu butayu byakagombye kuba byarabakujije, niyo mpamvu kuva icyo gihe icyaha cyose bakoraga bagihanirwaga.

Aha rero mu butayu bwa Sinayi niho Mose na Aroni bakoreye ibarura rya mbere, maze "ababazwe bose bo mu muryango wa Isirayeli nk'uko amazu ya ba sekuruza ari, bamaze imyaka makumyabiri bavutse cyangwa se isaga, abo mu bisirayeri babasha gutabara bose, ababazwe bose baba uduhumbi dutandatu n'ibihumbi bitatu na Magana atatu na mirongo itanu." **Kubara 1:45.46.**

Noneho rero bakomeza urugendo rwo mu butayu umwaka wose, amaherezo bagera ku rugabano rw'igihugu cy'isezerano i



Scanned by CamScanner

Kadeshi Baruneya ku nkengero za Yorodani bitegeye umujyi wa Yeruko i Kanani. Boherezwa gutata igihugu ngo Imana irebe ko biteguye kwambuka. Ariko ikintu kibabaje giteye agahinda ni amagambo iteraniro ryabo ryavuze banga kwambuka ngo hariyo Abanaki ngo ikiruta nuko basubira mu Egiputa ! Bati: "twishyiririreho umugaba dusubire muri Egiputa." **Kubara 14:1-4** Ubwo yari inshuro ya mbere bari bageze ku rugabano rw'igihugu cy'isezerano, baba banze kwambuka i Kanani.

Imana irabareka kuko bihombeje igihugu cyabo cy'isezerano, maze basubira mu butayu, babuzereramo imyaka mirongo ine yose. Maze kandi kubera uko kugoma, Imana irahira ko abo bose bayigomeye bazagwa mu butayu, uretse Yosua na Kalebu kubera ko bo bari bafite undi mutima.

Imyaka mirongo ine Abisirael bamaze bazenguruka mu butayu igihe bari bageze ku rugabano rw'igihugu cy'isezerano ku nshuro ya mbere, yari iyo kugira ngo abaturutse muri Egiputa bapfire mu butayu nk'uko Imana yabivuze, na none kandi yari iyo kugerageza abana babo ngo ibigishe inzira zayo ba se banze, niyo mpamvu igitabo cyo Gutegeka kwa kabiri ari igitabo cy'abana aho Imana yategekaga abana ibyo ba se bari baranze niyo mpamvu cyitwa Gutegeka kwa kabiri ndetse niyo ugisomye usanga Imana yari irimo gukorana n'urubyiruko. Gitangizwa no kwibutswa ubugome Abisirael bagiriye Imana ku rugabano (i Kadeshi baruneya) kigakomeza kivuga urugendo n'intambara bagiriye mu butayu imyaka mirongo ine yo kuzerera maze kikerekana uburyo urubyiruko rw'Abisirael bigishijwe ibya Sinayi. Mbese muri make, igitabo cyo Gutegeka kwa kabiri ni icyo kugerageza urubyiruko



Scanned by CamScanner

rw'Abisirael ku byo ba se banze, kuko gikurikirwa n'igitabo cya Yosuwa ari na cyo gitabo cyo kwambuka.

Mu gihe Imana yari imaze kwigisha urubyiruko rw'Abisirael ibyo ba se bananiwe, na bo bagombaga kubanza kujya gutata icyo gihugu bajyanwagamo no guhindura nk'uko na ba se bari baragitase, abana nabo ntibari kujyanwa muri icyo gihugu batabanje kugitata no kugishima. Ubwo bari bageze ku rugabano ku nshuro ya kabiri umugaragu w'Imana Yosuwa yabohereje kujya gutata. **Yosuwa 2:1**. Igishimishije ni uko bo igihe bari bavuye gutata batazanye inkuru y'inshamugongo nk'uko byari byaragenze mu myaka mirongo ine yari ishize ahubwo bazanye inkuru nziza y'igihugu batase bagira bati "ni ukuri koko Uwiteka ashyize iki gihugu cyose mu maboko yacu, kandi bene cyo twabakuye umutima." **Yosuwa 2:23,24**

### 1.1) Ibyo twigira ku mateka y'Urugendo rw'Abisirael

"Amateka y'Abisirayeli ba kera, ni urugero rukomeye rw'ibyabaye ku Badivantisiti mu gihe cyashize." **Intambara ikomeye ntoya, p. 328.**

Imana yatoranije itorero ry'Abadiventiste mu mwaka wa 1844, ubwo yari imaze guhishura umucyo wari usigaye w'Isabato. Imana yifuzaga ko nyuma y'imyaka mirongo ine n'ine ni ukuvuga mu mwaka wa 1888, yasuka imvura y'itumba ku itorero, rigashyirwaho ikimenyetso. Ni muri ubwo buryo Imana yahishuye ubutumwa bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera ari nabwo butumwa bwagombaga gushyirisha itorero ho ikimenyetso, ibuhishura ikoresheje mwene Data Wagoner na Jonas, ariko ubwo



Scanned by CamScanner

butumwa bwanzwe n'abari mu myanya yo hejuru y'ubuyobozi bw'itorero, aricyo gihombo gikomeye twagize cyatumye tujya mu ruzerero rw'imyaka ijana yose.

Na none umuyobozi w'itorero ry'Abadiventiste ku isi mu kibwiriza yatangiye mu nama y'inteko nkuru ya mirongo itanu n'icyenda muri 2010, Pr.Ted Willison yavuze uko itorero ryabuze amahirwe y'ubutumwa bwagombaga guhesha ·itorero kwakira imvura y'itumba n'ingorane byateye, agira ati: **Ellen G.White** yagize iyerekwa yandika mu bihamya by'itorero umuzingo wa munani ngo ni iki cyagombaga gokorwa icyo gihe ? Yabonye ko Imana yagobaga gukora ibintu bibiri mu nteko nkuru ya 1901: icya mbere ni ukongera guha umurongo itorero, kandi icyo cyarabaye kuko ubu itorero rifite umurongo; icya kabiri ni ugusukwaho Umwuka wera mu mbaraga y'imvura y'itumba ariko icyo bavandimwe ntikirasohora, kuko hari hakirimo ukutizera mu itorero kandi abayobozi ndetse n'abizera banze guca bugufi imbere y'Imana. Itorero ryahombye amahirwe yo kwakira imvura y'itumba kandi ibyo byabaye mu myaka ijana ishize. Nimureke dutume Imana idategereza ikindi gihe kugira ngo Yesu ahere ko agaruke.

Undi umwe mu bayobozi bayoboye itorero ry'Abadiventiste ku isi, mu gitabo yakusanirijemo ibyo Ellen G.White yanditse, ku ihame ryo gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera yavuze kuri icyo gihombo itorero ryagize mu 1888 n'ingaruka yacyo ati: Biragaragara rwose ko Imana yatoranije itorero ry'Abadiventisiti mu 1844, kandi dukurikije ibyo bihamya bitandukanye mu mwaka wa 1888 itorero ryageze ku rugabano rw'Igihugu cy'i Kanani ku nshuro ya mbere. Nk'uko byagendekeye Abisirael i Kadeshi baruneya ku nshuro ya mbere igihe abari bagize ubuyobozi



Scanned by CamScanner

bw'itorero bangaga ubutumwa bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera bwabwirizwaga na mwene data Wagoner na Jonas mu 1901, ubwo itorero ryari rigeze ku rugabano rw'igihugu cy'isezerano ku nshuro ya mbere, kandi nk'uko byagendekeye Abisirael igihe abayobozi b'itorero bangaga uwo mucyo, itorero ryari ryanze kwambuka; nk'uko Abisirael bahawe igihano cy'imyaka mirongo ine bazerera mu butayu, itorero naryo kubwo kwanga uwo mucyo (kwanga kwambuka) ryahawe imyaka ijana rizerera mu butayu.

Ariko Imana ishimwe nk'uko Imana yababariye abisirael nyuma y'imyaka mirongo ine bakongera kugera ku rugabano rw'i Kanani, niko yihanganiye Itorero ry'Abadivantisiti kuva mu 1888 kugera mu 1988 ubwo umuyobozi wari uhagarariye inteko iyobora itorero ku rwego rw'isi Pr. Neal Wilson yasohoraga bwa butumwa mu gitabo cy'icyumweru cyo gusenga cyiswe " Guhamagaririrwa kunesha." Ubu rero ni ku nshuro ya kabiri tugeze kuri Yorodani, kandi nta kundi gusubira inyuma, tugomba kwambuka.

Ndakwinginze mwene Data ngo wite ku ivugurura rikenewe muri iki gihe, wakire ubutumwa bwiza bukurarikira kwihana by'ukuri ukababarirwa ibyaha bicike rwose, maze uhabwe Gukiranuka kwa Kristo kuzira ikizinga cy'icyaha nk'icyangombwa cyo kwambuka Yorodani dutaha iwacu i Kanani.

### 1.1) Gusenga no kwiga Ijambo ry'Imana: Ibanga ryo gutsinda

Niba hari ikintu twumva gihenze mu gihe tupanga iby'umutungo wacu ni ibitabo by'Ijambo ry'Imana; niba hari icyo kamere itishimira igihe hari ikiganiro kiryoshye cyangwa dufite ibyo tureba twumva kuri radio – televisiyo, ni Ijambo ry'Imana; niba hari ikintu



Scanned by CamScanner

abasirimu batiyumvamo, ni ibitabo by'umwuka w'ubuhanuzi. Yoo!!! Reka twibaze iki: mu ishuri abanyeshuri baba bafite amasomo atandukanye mu makaye atandukanye kandi bagomba kuyiga yose kuko bazayabazwamo. Ngaho iyumvishe ingaruka zaba ku munyeshuri utoranyamo ikaye imwe akiga isomo rimwe gusa, ubundi asimbagurika cyangwa se akaryiga igice kuko nta gihe yifitiye ! Mbese ikizamini kiba kizaza ? Vuba ahangaha, buri wese mu bategereje agomba kuzisobanura kuby'ibyiringiro afite. Nubwo tubyiga twarasigingiye mu bwenge, hari isezerano ko Umwuka azajya atwibutsa ibyo twize. Bite n'abanenganenzi ? **Ibyahishuwe 1:1-3** ngo, hahirwa usoma n'uwumva....

Umwami wacu Yesu nawe igihe yari mu butayu, umwanzi yarahamusanze aramwibasira agambiriye kumutsinda yo maze kubwo gusenga no kwiyiriza ubusa asabana na Se abuvamo atsinze satani.

"Umwijima w'umubi ugota abirengagiza gusenga n'ibyongorero by'ibishuko bye bikabatera gukora ibyaha. Ayo makuba bayaterwa nuko batita ku ihirwe Imana yabagabiye ari ryo ryo gusenga. Mbese ni iki gituma abahungu n'abakobwa b'Imana bagira itendwe ryo gusenga, kandi gusenga arirwo rufunguzo ruri mu ntoki z'umwizera rukingura inzu y'ububiko yo mu ijuru, irimo ibyadukenura byose bitangwa n'ushobora byose? Nitudahora dusenga turi maso tuzaba twishyize mu kaga ko kudebuka no guteshuka inzira itunganye. Satani ahora ashakashaka uko yatuvutsa inzira igana ku ntebe y'ubuntu, agira ngo atugomwe ubutwari n'imbaraga yo gutsinda ibishuko bibonwa n'usenga yizeye kandi abishishikariye" **Kugana Yesu, p. 66.**



Scanned by CamScanner

"Gusenga ubudahwema ni ukwiyuzuza n'Imana kugira ngo ubugingo bw'Imana buhembura butembere mu bwacu bugingo; maze kubonera no kwera bidudubize mu bugingo bwacu. Dukwiriye gusenga tudahwema, kandi tutagira inkomyi. Mugire umwete wo gusabana naYesu, mutagira ikibarosera." **Kugana Yesu, p. 69**

**1.1) Intwari mu bakurambere, barangwaga n'amasengesho**

"Bucyeye ba bagabo baraterana basanga Daniel asenga Imana ye ayinginga"**Daniel 6:12**

"Mpanga amaso umwami Imana yanjye mushakisha gusenga no kwinginga niyiriza ubusa nambara ibigunira nisiga ivu" **Daniel-9:3**

"Koroneliyo ati "Dore uyu ni umunsi wa kane ubwo nari mu nzu yanjye nsenga magingo aya ariyo saa cyenda nuko umuntu ahagarara imbere yanjye yambaye imyenda irabagirana arambwira ati: Koroneriyo, gusenga kwawe kwarumviswe **"Ibyakozwe 10:30,31**

Igihe Paul yandikiraga Abefeso yaravuze ati "Musengeshe umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga " **Abefeso 6:18**

Bene data intwaro imwe yatuma tuva muri ubu butayu amahoro tukajya mu gihugu cy'isezerano ni iyo Yesu yakoreshaga buri munsi, ni ugusenga.



Scanned by CamScanner

## 1) UMUNSI W'IMPONGANO UGIYE KURANGIRA

Ijambo ry'Imana rigaragaza ko Abayuda bagiraga iminsi mikuru irindwi mu mwaka, yatangizwaga n'umunsi mukuru wa Pasika wabaga ku itariki cumi n'eshanu z'ukwezi kwa mbera kwa buri mwaka, **Abalewi 23:5; Kuva 12:1-6; Matayo 26:17-18,** igasozwa n'iminsi y'ingando yabaga takiki ya cumi na gatanu z'ukwezi kwa karindwi buri mwaka **Abalewi 23:33-36; Yohana 7:14-16,37-38**.

Ukwezi kwa karindwi kw'Abayuda kwabaga ari ukwezi gukomeye bitewe n'ibihe bidasanzwe byakubagamo, kubera ko kuva ku itariki ya mbere z'uko kwezi kwa karindwi habagaho kuvuza amahembe baranga umunsi w'impongano wabaga ku itariki icumi z'ukwa karindwi "Uwiteka abwira Mose ati: bwira Abisilael uti: mu kwezi kwa karindwi ku munsi wako wa mbere, hajye habaho umunsi wo kuruhuka, ube uwo kubibukisha, muwurangishe kuvuza amahembe, muwuteraneho guterana kwera, ntimukagire umurimo w'ubugaragu muwukoraho, kandi mujye muwutambiraho Uwiteka igitambo gikongorwa n'umuriro" **Abalewi 23:23-25**. Bitewe n'uko umunsi w'impongano wabaga ukomeye cyane dore ko wabaga ari umunsi wo kwemerwa n'Imana cyangwa gucirwaho iteka kw'ishyanga rya Isirael, warangishwaga kuvuza amahembe bibutsa abantu iminsi isigaye ngo uwo munsi ugere. Ndabibutsa ko nubwo buri munsi uwabaga yakoze icyaha muri Isirael yashakaga igitambo akakizana ku buturo agataha ababariwe, ariko izo mbabazi zabaga ari iz'agateganyo, imbabazi nyazo zabonekaga ku munsi w'impongano tariki 10 z'ukwa karindwi.



Scanned by CamScanner

Gukomera k'umunsi w'impongano kuvugwa gutya "Uwiteka abwira Mose ati: bwira Abisirael uti : ariko umunsi wa cumi w'uko kwezi kwa karindwi niwo munsi w'impongano, ujye ubabera uwo guterana kwera, mujye muwibabazaho imitima, muwutambireho Uwiteka igitambo gikongorwa n'umuriro. Ntimukagire umurimo wose mukora kuri uwo munsi w'impongano, muhongererwaho imbere y'Uwiteka Imana yanyu. Umuntu wese utazibabaza umutima kuri uwo munsi azakurwe mu bwoko bwe kandi umuntu wese uzakora umurimo wose kuri uwo munsi nzamurimbura mukure mu bwoko bwe, ntimukagire umurimo wose muwukoraho iryo ribabere itegeko ridakuka mu bihe byanyu byose no mu buturo bwanyu bwose." **Abalewi 23:26-31.**

Aha Bibiliya igaragaza ko kuri uwo munsi w'impongano mu gihe umutambyi mukuru yabaga yinjiye ahera cyane guhumanura ubuturo, Abisirael basigaraga hanze basenga binginga Imana ngo ibyaha byabo bibabarirwe, basigaraga bibabaje imitima kubwo ibyaha bakoze, basigaraga basabana imbabazi, mbese wabaga ari umunsi uteye ubwoba nta muntu numwe wawubagamo anezerewe ahubwo bose babaga bibabaje imitima basaba Imana kubemera nk'abana bayo. Iyo umuntu yagiraga amahirwe yo gucika ku icumu uyu munsi adatewe amabuye niwe wabaga wemerewe kujya mu minsi mikuru yasozaga umwaka w'Abayuda (Iminsi y'ingando) yabaga ku itariki cumi n'eshanu z'ukwezi kwa karindwi. **Abalewi 23:33-36.**

**Daniel 8:14.** Itegeko ryabaye intango ry'igihe cy'iminsi 2300 ryashyizwe mu bikorwa mu gihe cy'umuhindo w'umwaka wa 457 mbere ya Kristo, aho kuba mu itangira ry'uwo mwaka nkuko bamwe babyibwira. Iminsi 2300 yabazwe bahereye ku muhindo



Scanned by CamScanner

w'umwaka wa 457 kandi irangira ku muhindo w'umwaka 1844. Bimwe byavuye mu isezerano rya kera byerekana nabyo ko mu gihe cy'umuhindo aribwo igikorwa cyo kwezwa k'ubuturo bwera cyagombaga kubaho. **Intambara ikomeye, p. 338.**

## 2.1) Inyifato ikwiriye mu gihe Umutambyi wacu Yesu akiri ahera cyane

"Uwiteka abwira Mose ati: bwira Abisirael uti :ariko umunsi wa cumi w'uko kwezi kwa karindwi niwo munsi w'impongano, ujye ubabera uwo guterana kwera (muri iki gihe ni uburyo dukwiriye kongera ibihe byo kwihererana n'Imana cyane muri bwa buryo bune bwo gusenga twize mu Kugana Yesu muri gahunda zacu dupanga, *indirimbo ya 164*), mujye muwibabazaho imitima (uburyo tugomba kubaho tubabajwe n'icyaha cyaba kikiri mu mutima wacu ngo tucyereke Data akidukize; muri iki gihe nta mpamvu yo kudamarara mu munezero w'iyi si wishimisha, ugifite icyaha mu mutima; erega uretse kwishuka nta mahoro y'abanyabyaha !), muwutambireho Uwiteka igitambo gikongorwa n'umuriro (dukeneye kwihana by'ukuri muri iki gihe ngo Uwiteka aturanduremo n'ibyaha byabaye imishike). Uyu munsi ni uwo kweza burundu ubuturo bwera ariyo mitima yacu, uwo uyu munsi urangira agifite ikizinga cy'icyaha atihannye, arakuwa mu bwoko bw'Imana.

"Ntimukagire umurimo wose mukora kuri uwo munsi w'impongano (iki ni ikidukangurira kugabanya ibiduhugije cyane kugira ngo tubone umwanya w'iby'Imana: umurimo w'Imana. Yesu ati: mujye ahiherereye muruhuke. Kwiherera, kwihererana n'Imana ! **Yesaya 30:15** ngo mu ituze no mu byiringiro, niho muzahererwa imbaraga: abakorera ahantu cyangwa mu bintu bibatera stress



Scanned by CamScanner

"kujagarara" mu bwonko, barasabwa gufata imyanzuro ituma babaho bahugutse ngo bajye bumva ijwi ry'Imana kuri buri ntambwe. Hari igihe uba ukorera mu kazi satani yishimira kuko azi ko akwibikiye, uhacumurira kenshi nubwo uhabona imibereho. Nudafata imyanzuro yo gukiza ubugingo bwawe kakubayeho. Imana ni seriye n'abayisenga nabo ni abaseriye), muhongererwaho imbere y'Uwiteka Imana yanyu. Umuntu wese utazibabaza umutima kuri uwo munsi azakurwe mu bwoko bwe kandi umuntu wese uzakora umurimo wose kuri uwo munsi nzamurimbura mukure mu bwoko bwe, ntimukagire umurimo wose muwukoraho iryo ribabere itegeko ridakuka mu bihe byanyu byose no mu buturo bwanyu bwose." **Abalewi 23:26-31.**

Kuri uwo munsi kandi, habagaho kubohorana hagati y'abantu n'abandi: bishushanya uko natwe tugomba kubohorana hagati yacu, uko twahemukiranye mu bantu, mu bavandimwe, mu bashakanye, maze ukabaho nta gishinjamutima ufite. **1 Yohana 3:21**. Mbega imitima myinshi iboshye indi iboshywe mu bizera ! Abashakanye babana babohanye kubera ubuhemu bamenye nyuma yo kurwubaka, abamburanye mu madeni bakabana barenzaho ngo batishyira hanze kandi bitwa abakirisitu ! Nyabuna bohora mwene so dore satani yamubujije kugusanga. Muri uyu murimo wo kwaturirana ibyaha, iyo uwahemutse atinze kwatura icyaha cye, uwahemukiwe asanga uwamuhemukiye. **Matayo 18:15.** Mbega ubutumwa bubangamiye inarinjye yacu ! Iyo niyo nzira, ba ariyo unyura.

"Umuhanuzi aravuga ati: Ninde uzabasha kwihangana ku munsi wo kuza kwe ? Kandi ninde uzahagarara ubwo azaboneka ? Kuko ameze nk'umuriro w'umucuzi n'isabune y'abameshi. Kandi



Scanned by CamScanner

azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayimaramo inkamba; azatunganya abahungu ba Lewi, abacenshure nk'uko bacenshura izahabu n'ifeza, maze bazature Uwiteka amaturo bakiranutse. Abazaba bakiri ku isi ubwo Kristo azahagarika kuvuganira abanyabyaha mu buturo bwera bwo mu ijuru, bazaba bagomba guhagarara imbere y'Imana yera badafite ubahuza nayo. Amakanzu yabo agomba kuba azira ikizinga imico yabo igomba kuba yejejweho icyaha n'amaraso y'Umukiza yasheshwe. *Kubw'ubuntu bw'Imana no kubw'umuhati wabo udacogora bagomba kuba abaneshi mu ntambara barwana n'ikibi. Mu gihe urubanza rugenzura rugikomeza gukorwa mu ijuru, kandi ibyaha by'abanyabyaha bihana bikaba biri gukurwa mu buturo bwera, hagomba gukorwa umurimo udasanzwe wo kwezwa no kuzinukwa icyaha mu bana b'Imana bakiri ku isi."* **Intambara ikomeye nto, p. 306.**

None mwene Data ukigundiriye icyaha kubw'inyungu ukikibonaho, urazirikana ko turi mu gihe cyo gusoza urubanza n'uyu munsi w'impongano ? Nyabuna ngo ibikundanye birajyana, wishaka kwihwanya na satani ntaho muhuriye, kiza ubugingo bwawe bicyitwa none witindiganya wibwira impamvu zo kuba uretse.

**2.2) Uko abenshi bo mu itorero bameze**

"Itorero risinziriye, rikwiriye gusohoka mu bitotsi byaryo by'iby'umwuka, rigakanguka kugira ngo ryiyumvishe neza inshingano y'ingenzi yashyizwe ku ruhande kugeza ubu. Ubwoko bw'Imana ntiburinjira ahera, aho Yesu yinjiye kugira ngo abuhongerere." **Urwibutso n'integuza, 25 Gashyantare 1890.**

Scanned by CamScanner

"Mu biyita ko ari abakristo, abenshi ni abategereje kuza k'Umwami ntacyo bitayeho. Ntabwo bambaye umwambaro wo gukiranuka kwe. Biyita abana b'Imana, ariko ntibigeze bezwaho icyaha. Bafite inarijye no gukiranuka kwabo bwite. Ntabwo bazi Yesu. Ntabwo bakunda Imana kurusha ibindi byose, haba no gukunda bagenzi babo nk'uko bikunda. Nta gitekerezo nyakuri bafite ku butungane kandi ntibabona amakosa yabo. Barahumye ku buryo badashobora kubona ibikorwa bibi by'ubwibone n'ikindi cyaha icyo aricyo cyose. Bambaye ubushwambagara bwo gukiranuka kwabo bwite kandi bafite ubuhumyi mu by'umwuka. Satani yashyize igicucu cye hagati yabo na Kristo; ntibagifite ubushake bwo gutekereza byimbitse kuri kamere itunganye kandi itagira ikizinga y'Umukiza." **Urwibutso n'integuza, 26 Gashyantare 1901.**

"Dukeneye Umwuka Wera kugira ngo dusobanukirwe ukuri kw'igihe cyacu. Ariko amatorero yacu afite akaga k'umwuma w'iby'umwuka. Twafashe akamenyero ko kunyurwa ku buryo bworoheje n'imibanire yacu n'Imana." **Urwibutso n'integuza, 25 Gashyantare 1980.**

"Ayi ! Amatorero yacu ari gupfa kubera ko akeneye guhugurwa ku gutsindishirizwa kubwo kwizera kimwe n'andi mahame y'ukuri ajyanye nako." **Umurimo w'ivugabutumwa, p. 295.**

"Iyaba twabashaga kwiga twitonze umurimo w'impongano wa Kristo! Buri wese akwiye kurondorana Ijambo ry'Imana ubwitonzi n'umutima usenga, atari ukugira ngo agire ubushobozi bwo gushyikira ibitekerezo by'amahame binyuranye, ahubwo kugira ngo ahe umutima we ushonje ibyo kurya byinshi kandi yicire inyota ku masoko y'ubugingo. Ubwo abantu bazarondora Ibyanditswe



Scanned by CamScanner

by'umutima wicishije bugufi wuzuwemo no kwiyumvisha ko ufite intege nke kandi ko udakwiriye, Yesu azigaragaza mu mitima yacu mu bwiza bwe bwinshi."

## 3) GUKIRANUKA KWA KRISTO NI CYO CYA NGOMBWA.

### 3.1) Hakenewe kwihana by'ukuri

"Icyaha tudatsinda, kazadushyira mu kaga ko gupfa buheriheri. Icyaha tudatsinda, kizadutsinda, kiturimbuze. Igicumuro cyose mucumura, n'ubuntu bwa Kristo mwirengagiza mugahinyura; ingaruka yabyo izabakoraho. Gukora ibyo bibatera kwinangira imitima, bigatuma ubwenge bugwa ikinya , nti bube bukibabazwa n'ibyaha."

"Benshi bifata mu mugongo, bahumuriza imitima ibabaye, ngo bazava mu bibi igihe bishakiye. Bibwira yuko bashobora gukinisha imbabazi z'Imana, ngo ntizazibakuraho. Bibwira ko nibamara guhinyura umwuka w'imbabazi, bagahitamo satani, ngo nibabona ishyano ribagwiriye, ni ho bazahinduka. Ariko ibyo nti bikunda kuboneka. Akamenyero ko mu bugingo, iyo kamaze kurema imico, bikomerera umuntu cyane ntabashe gusa na Yesu."

"Ndetse ingeso mbi imwe nsa no kwifuza kubi kumwe, iyo bigundiriwe kera, birashyira bigahindura ubusa imbaraga zose z'ubutumwa bwiza. Igicumuro cyose umuntu agundiriye kimutera umutima wo kurushaho kwanga Imana. Umuntu wanga ukuri kw'Imana yeruye, azasarura ibyo yabibye. Muri Bibiliya yose nta



Scanned by CamScanner

kuburira abakinisha ibyaha kuruta uk'umunyabwenge yavuze, ubwo yavugaga ati''Umunyabibi azafatwa n'ibibi bye, kandi azakomezwa n'ingoyi y'icyaha cye''. **Imigani 5:22**

"Kwibura ibyaha kudatewe n'agahinda ka byo, kandi kudaturutse ku kwihana by'ukuri , ntikwemerwa n'Imana. Ingeso zikwiriye guhinduka ukundi rwose; ikibabaza Imana cyose gikwiriye kurekwa. Ngayo rero amaherezo y'agahinda nyakuri ko kubabazwa n'ibyaha. Icyo dukwiriye gukora ubwacu twarakigaragarijwe neza, ngo: Ni mwiyuhagire mwiboneze, mukureho ibyaha byo mu mirimo yanyu, bive imbere yanjye; mureke gukora nabi. Mwige gukora neza, mushake imanza zitabera, mutabare abarengana, mucire imfubyi urubanza, muburanire abapfakazi." **Yesaya 1:16,17. Kugana Yesu, p.24,29.**

### 3.2) Hakenewe imbaraga y'Umwuka wera, ngo idushoboze guharara muri uko Gukiranuka

"Umwuka Wera ni impumeko y'ubugingo bw'iby'umwuka mu mutima. Guhabwa Umwuka ni uguhabwa ubugingo bwa Kristo. Umwakiriye amwambika imico ya Kristo. Abigishwa n'Imana batyo, abakorerwamo n'Umwuka Wera, kandi bakaba bagaragaza gusa na Kristo mu mibereho ya bo, nibo gusa bagomba guhagarara nk'abayobozi bo gukorera itorero." **L'espoir de l'humanité, p. 866, 867; The Desire of Ages, p. 805.**

"Vuba aha hagiye kubaho guhinduka kwihariye kandi kwihuta, kandi Ubwoko bw'Imana bugomba guhabwa Umwuka Wera kugira ngo ku bw'ubwenge mva juru, bushobore guhangana n'ingorane ziyadukiza muri iki gihe, kandi mu buryo bushoboka



Scanned by CamScanner

bwose bagahangana n'ibicogoza byo muri iyi si. Niba Itorero ridasinziriye, niba abigishwa ba Kristo bari maso kandi basenga, bazakira umucyo uzabashoboza gutahura imikorere y'umwanzi." **Temoignages, vol. 3, p.77, 78; Testimonies, vol. 6, p. 436.**

"Kristo yahamije ko imbaraga mva juru y'Umwuka izagumana n'abigishwa be kugera ku iherezo. Nyamara iri sezeramo ntirihabwa agaciro nk'uko byari bikwiriye; ku bw'ibyo, gusohora kwaryo ntikumera nk'uko kwari gukwiriye kuba. Isezerano ry'Umwuka Wera ni ingingo itekerezwa buke; ingaruka twakwitega z'ibyo ni umwuma, umwijima, urupfu hamwe no guhenebera mu by'umwuka. Ingingo zitari iz'ingenzi cyane ni zo zuzura intekerezo, maze ubushobozi mvajuru bukenewe mu gikuriro n'iterambere ry'Itorero, bwari kuzana n'indi mishinga y'uburyo bwose bukabura, n'ubwo bwatanzwe mu kuzura kwabwo kutagira akagero." **Temoignages, vol. 3, p. 248; Testimonies, vol. 8, p.21.**

### 3.3) Hakenewe kwicisha bugufi mu mutima ngo twihane tumaramaje

"Abaticisha bugufi mu mitima yabo imbere y'Imana ngo bamenye gukiranirwa kwabo, ntibaragera ku kintu cya mbere gishakwa mu byerekeye kwemerwa n'Imana. Niba tutagize uko kwihana kwicuza tukaba tutatura ibyaha byacu twicishije bugufi mu mitima n'imitima imenetse ishenjaguwe n'agahinda k'ibyaha ngo twange ibibi byacu tubizinukwe, ntabwo turashaka kubabarirwa ibyaha by'ukuri; niba tutarabishaka rero, ntabwo turashyikira amahoro y'Imana. Impamvu imwe rukumbi ituma tutababarirwa ibyaha twakoze iterwa no kuticisha bugufi. Imitima yacu



Scanned by CamScanner

y'agasuzuguro ntishaka ukuri kw'Ijambo ry'Imana." **Testimonies 5 p. 636.**

"Umurimo w'agakiza si igikinisho cy'abana ngo ufatwe neza hanyuma urekwe umuntu yigire mu bimunezeza. Ukwiriye gukoranwa umugambi n'umwete kugira ngo amaherezo umuntu atsinde." **Testimonis, Vol 2. p. 101, 102.**

"Nta hantu na hamwe dukwiriye guhagarara muri iyi nzira ijya mu ijuru. Nta n'umwe wo muri twe ukwiriye kwishimira iby'umwuka tugezemo." **Testimonies, Vol. 5, p. 308, 309.**

"Iki ni igihe cyo gusenga cyane kugira ngo abantu be kumva Ijambo ry'Imana gusa, ahubwo bateganye amavuta mu mperezo kandi babe bafite n'amatabaza. Ayo mavuta ni ugukiranuka kwa Kristo. Ayo agereranywa n'imico myiza, kandi imico myiza ntitirwa. Nta muntu waha undi imico ye. Umuntu wese akwiriye kugira iye mico itunganijwe, yejejweho ikizinga cyose cy'icyaha." **Testimonies to Ministers and Gospel workers. Pp. 233, 234.**

**3.4) Hakenewe kwigira kuri Yesu**

"Kubwo gutumbira Kristo, dukwiriye guhinduka; kandi igihe dutekereje ku gukiranuka k'urugero Mana rwacu, tuzifuza guhindurwa byimazeyo no kugirwa bashya mu ishusho yo gukiranuka kwe. Umuntu wirunduriye mu kuyoborwa na Mwuka w'Imana, azabona ko ibitekerezo bye byaguka kandi bigatera imbere. Intege nke zagiye zigaragara n'imico idafite imbaraga biranesheka kubwo gukomeza kwiyegurira Imana no gukiranuka…" **Ubutumwa bwatoranijwe, vol. 2, p. 270.**



Scanned by CamScanner

"Kugira ngo tube abantu bazataha ijuru, tugomba gukurikiza ibyo amategeko asaba….Dushobora kubigeraho gusa ari uko twakiriye gukiranuka kwa Kristo kubwo kwizera. Kubwo gutumbira Yesu, duhabwa ihame rizima kandi ryagutse mu mutima, kandi Mwuka muziranenge agakomeza gukora umurimo bigatuma umwizera akurira mu buntu bukurikira ubundi, imbaraga zigasimburwa n'imbaraga nshya n'imico myiza igakurikirwa n'indi. Agenda arushaho gusa na Kristo, agakura mu bya Mwuka kugeza ubwo ageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo. Nuko Kristo agashyira iherezo ku muvumo w'icyaha, akabatura umuntu ku bikorwa by'icyaha n'ingaruka zacyo…." **Ubutumwa bwatoranijwe vol. 2, p.316.**

**3.5) Ni Ugukiranuka kunesha icyaha**

"Iyo umutima wiyeguriye Yesu, hari imbaraga nshya iwigarurira. Habaho guhinduka umuntu atari kwikorera we ubwe. Ni umurimo w'indengakamere, uzanira kamere muntu ubundi bushobozi bwisumbuye. Umutima wihaye Kristo, umubera igihome yashyize mu isi yigometse, nta bundi butegetsi bwawujya hejuru. Umutima urinzwe utyo ugoswe n'ingabo zo mu ijuru urwanya ibitero byose bya satani. Keretse gusa twiyeguriye Kristo, naho ubundi twaneshwa n'umushukanyi. Byanze bikunze tugengwa n'imwe cyangwa indi muri izo mbaraga zombi zirwanira ubutware bw'isi."

"Iyo Yesu atuye mu mutima, uhinduka umutima wiyoroshya kandi ugengwa n'urukundo ukunda Imana na mugenzi wawe, ku buryo umujinya, kunegurana n'intonganya bizimira. Idini ya Kristo



Scanned by CamScanner

mu mutima izaha uyibamo kunesha burundu icyifuzo cyose cyo kwikuza."**Ibihamya by'itorero, vol. 4, p. 610.**

## 3.6) Gukiranuka kwa Kristo nk'umwambaro w'ubukwe

Mu itorero ry'Abadivantisiti hagwiriyemo benshi bafite imyizerere imeze nk'iy'abiyise tumumenye batabitekerezaho. Banyuzwe n'ubukristo bwapfuye buhagaze, buturije mu byaha ngo Yesu naza azagira icyo abakorera ! Barakora ibyaha bakiyongeza ibindi ngo biringiye imbabazi z'Imana. None se si iyo myizerere abiyise tumumenye bari bafite ? Nanjye nigeze kubaho igihe kinini nibwira ko bitashoboka kubaho udakora icyaha, cyane ko ariko benshi babyumva ! Yooo ! Ubuse Yesu yaba yaraje kumara iki ? **1 Yohana 3:8**. **Abagalatiya 2:20** Kubera Kristo uba aturimo, arabisohoza kandi byose bishobokera uwizeye. Dukwiriye kwimuka mu bitekerezo bya satani bishaje bityo, nibitaba ibyo turaje tubone abantu b'Imana buzuye imbaraga y'itumba, dosohoke tubagambanira.

"Mu mugani wanditswe mu gice cya 22 cya Matayo, iyo shusho y'ubukwe yarakoreshejwe kandi irangiza ivuga neza ko urubanza rw'igenzura rwakozwe mbere y'ubukwe. Mbere y'ubukwe, Umwami yinjiye kureba abasangwa kugira ngo arebe ko bose bambaye umwambaro w'ubukwe udafite inenge, bameshe ibishura byabo babyejesha amaraso y'Umwana w'intama. Uwasanzwe atambaye umwambaro w'ubukwe yajugunywe mu mwijima hanze; ariko abasanzwe bambaye umwambaro w'ubukwe, bemewe n'Imana kandi bitabwaho nk'abakwiriye kugira umugabane mu bwami bwayo no kwicarana nawe ku ntebe y'ubwami. Uwo murimo ugendereye kugenzura imico no kwemeza abageze ku



Scanned by CamScanner

rugero rwo kwitegura ubwami bw'Imana, ni umurimo w'igenzura rubanza ruheruka mu buturo bwo mu ijuru." **Intambara ikomeye nini p. 365.**

## 3.7) GUTEGURA INZIRA Y'IMVURA Y'ITUMBA

"Ivugurura ryo kwera nyakuri muri twe niryo rikenewe cyane kandi ryihutirwa cyane kuruta ibindi byose dukeneye. …Ni umurimo wacu kuzuza ibyangombwa bisabwa n'Uwiteka ngo aduhe umugisha we yadusezeranije, binyuze mu kwatura ibyaha, kwicisha bugufi, kwihana n'amasengesho avuye ku mutima. Ivugurura rishobora gutegerezwa gusa nk'igisubizo cy'amasengesho." **Ubutumwa bwatoranijwe (francais) vol.1 p.141.**

"Neretswe ko nta numwe ushobora kugira uruhare ku ihembura, keretse gusa amaze kugira insinzi kuri buri futi ryose rimwizingiyeho: ku bwibone, ukwikunda, gukunda isi, no kuri buri jambo n'igikorwa kibi cyose. **Premiers ecrits p. 71.**

"Tugomba gushakira umuti amafuti ari mu ngeso zacu, tukeza urusengero rw'umutima rukavamo ikizinga cyose. Ubwo noneho nibwo imvura y'itumba izatugwaho nk'imvura y'umuhindo yaguye ku bigishwa ku munsi wa pentekote." **Ibihamya vol. 5 p. 214 (english).**

"Nta kintu satani atinya nko kubona ubwoko bw'Imana buboneza inzira buyikuramo inkomyi yose, ku buryo Uwiteka abasha gusuka Umwuka we ku itorero ry'irinyantege nke…Umuntu ashobora kurwana akanesha buri gishuko na buri mbaraga y'ikibi ku mugaragaro cyangwa mu ibanga: si kubw'amaboko kandi si



Scanned by CamScanner

kubw'imbaraga z'abantu, ahubwo ni kubw'Umwuka wanjye, niko Uwiteka nyiringabo avuga. **Zakariya 4:6." Ubutumwa bwatoranijwe vol.1 p.144,145. (francais).**

"Abatagira umwete uhamye, ahubwo bagategereza ko Umwuka wera yabasunikira gukora, bazarimbukira mu mwijima. Ntimugomba gukomeza kwiyicarira gusa." **Umurimo wa gikristo p.228 (English).**

"...Igikomeye kandi cy'ingenzi kuri twe, ni ubumwe bw'umutima n'ubw'intekerezo, tugashyira ku ruhande icyifuzo kibi cyose n'uburyarya bwose, maze nk'abicisha bugufi binginga, tukaba maso dutegereje. Yesu umuhagarikizi wacu n'umutware wacu, yiteguye kudukorera icyo yakoreye abasengaga kandi bari maso ku munsi wa pentekote." **Spirit of prophecy, vol.3 p.272.**

### 3.8) Ikimenyetso gishyirwa ku bantu 144.000, gifitanye isano n'imvura y'itumba y'Umwuka wera n o kwezwa kw'imico .

Dushobora kuvuga ku migisha y'umwuka wera, ariko keretse gusa twiteguye kumwakira, naho ubundi imirimo yacu yaba imaze iki ?

"Ese tugerageza n'imbaraga zacu zose kugera ku gihagararo cy'abagabo n'abagore bari muri Kristo? Ese dushakisha kuzura kwe, duharanira kugana ku ntego itugaragarizwa yo gutungana kw'imitima ? Igihe ubwoko bw'Imana buzagera kuri iyo ntego, buzashyirwaho ikimenyetso mu ruhanga. Buzuye Umwuka wera, bazaba bashyitse muri Kristo kandi marayika wandika ubuhamya

azavuga ati " Birarangiye." **Urwibutso n'integuza kuwa 10-6-1902.**

"None se, benedata, murakora iki muri uwo murimo ukomeye wo kwitegura ? Abafatanya n'isi bakishushanya nayo, ni muri ubwo buryo bakira ikimenyetso cy'inyamaswa. Ariko abicisha bugufi imbere y'Imana kandi bakeza imitima yabo binyuze mu kubaha ukuri, bahindurwa ku ishusho y'ijuru kandi bakitegura ikimenyetso cy'Imana ku ruhanga. Ubwo iteka rizaba rimaze gutangazwa, ikimenyetso kikazaba cyarashyizweho, kamere yabo izagumya kuba itunganye kandi nta kizinga by'iteka ryose."

"Ubu ni igihe cyo kwitegura. Ntabwo ikimenyetso cy'Imana kizashyirwa na rimwe ku ruhanga rwanduye. Nta na rimwe kizashyirwa ku ruhanga rw'ukunda isi. Ntikizashyirwa na rimwe ku ruhanga rw'abagabo n'abagore bafite iminwa ivuga ibitari ukuri n'imitima ibeshya. Abantu bose bazacyakira bagomba kuba nta kizinga bafite imbere y'Imana. Abakandida b'ijuru. Mujye mbere bene Data na bashiki banjye! Muri iki gihe ibyo ni byo gusa nashobora kubandikira, mbakangurira ku kwiyumvisha ko kwitegura kwanyu ari ngombwa. Mugenzure ibyanditswe ubwanyu, kugira ngo musobanukirwe n'ugukomera guteye ubwoba kw'igihe turimo muri iyi minsi. » **Ibihamya by'itorero, vol.2, p.79.**

Enoki, Yosefu na Daniyeli bagengwaga n'imbaraga zitarondoreka. Muri iki gihe cyacu, ni yo nzira rukumbi y'umutekano yo gukurikira ku bakristo. Abahamya Kristo baba bashikamye ku buzima bwabo bw'iyobokamana ku buryo bahangana n'inzitizi kandi bakihangana, bakunda kandi borohera abandi.



Scanned by CamScanner

"Ubuzima bw'abo bantu b'ibyamamare bwari buhishanywe na Kristo mu Mana. Bakiranukiraga Imana hagati yo kudakiranuka, bera hagati yo kwandavura, bubaha Imana kandi ari abanyamurava ubwo babaga bakikijwe no guhakana Imana no gusenga ibigirwamana. Ni ko bimeze no kuri twe, uburyo twaba turiho bwose, abatuzengurutse baba batwihunza cyangwa tubashaririye, kwizera gushobora kuzamuka kukajya hejuru y'ibyo byose kukabona Umwuka wera." **Urwibutso n'integuza kuwa 2-9-1885.**

### 3.9) Ibiranga uwakiriye Yesu by'ukuri

"Iyo umuntu yahindutse uw'Umwami, ibimunyura n'ibyo agambirira biba bishya. Akunda iby'Imana ikunda, kuko ubuzima bwe buba buhambiriye ku murunga w'izahabu w'amasengesho adahinduka, ku buzima bwa Yesu. Umutima uhambirwa ku Mwami. Isengesho rye ni iri ngo: "Fungura amaso yanjye kugira ngo mbone ibihebuje by'amategeko yawe!" Amenya kamere y'Umucunguzi idahinduka. Aziko adakirizwa mu byaha bye, ahubwo akizwa ibyaha bye, kuko Yesu ni Intama y'Imana ikuraho ibyaha by'abari mu isi."**Urwibutso n'integuza, 12 Kamena 1892.**

"Ubwo Kristo azambikwa ikamba, azamenyera umuntu we ku kuba adafite umwanda cyangwa ikizinga cyangwa ikindi gisa gityo. Azaha ikamba ry'ubwiza budashira uzaba yaramwizeye ku buryo bwuzuye. Abanze ko Yesu ababera Umwami bazamubona ashagawe n'imbaraga y'abacunguwe bafite iyi nyandiko ngo: UWITEKA, GUKIRANUKA KWACU." **Urwibutso n'integuza, 24 Ugushyingo 1904.**



Scanned by CamScanner

"Kugira ngo habeho gutsinda igitero cyose cy'umwanzi ni ngombwa kugira imbaraga itari iyacu. Tugomba kugira imishyikirano itagira kirogoya na Kristo, ufite ububasha bwo kubashisha umutima wiyoroshya kandi umwiringira, gutsinda". **Urwibutso n'integuza, 9 Nyakanga 1905.**

"Abakiriye Umukiza bahinduka abana b'Imana. Bajya mu muryango w'Imana, bagahinduka ishusho yayo, bagahindurwa n'Umwuka wayo bava mu bwiza bajya mu bundi. Bareka inarijye bakagira urukundo ruhebuje, bishimira urukundo rw'Imana n'urwa Kristo. Bemera Kristo ko ariwe Mukiza wabo wenyine, kandi bakurikiza icyitegererezo cye cyo kwiyanga ariryo banga ryo kwera. (Ni ukuvuga ko ariyo nsiriri yo kwera)". **Ellen G. White comments, SDA Bible commentary, Vol. 6, p. 1117.**

"Turashaka gusobanukirwa n'igihe turimo. Ntidusobanukirwa na kimwe cya kabiri cyacyo. Nta nubwo tucyumva kugeza mu cya kabiri. Umutima wanjye urankubita iyo ntekereje umwanzi duhanganye nawe uwo ari we n'ukuntu tutiteguye neza kumurwanya. Inshuro nyinshi nagiye nerekwa ibigeragezo by'abana ba Isirayeli kugira ngo bingaragarize uko ubwoko bw'Imana buzaba bumeze mbere yo kugaruka kwa Kristo. Uko umwanzi yashatse uburyo bwose agenga intekerezo z'Abayuda, niko no muri iki gihe ashakisha guhuma intekerezo z'abagaragu b'Imana kugira ngo be gusobanukirwa n'ukuri gukomeye." **Ubutumwa bwatoranijwe vol.2 p. 325.**



Scanned by CamScanner

"Umurimo uri hafi kurangira. Abizera b'itorero riri ku rúgamba bagaragaye ko ari inyangamugayo, bazahinduka itorero rinesheje." **Evangelism, p. 707(1892).**

"Abari barakiriye ubutumwa, barebanaga umwuka w'ubwitonzi, kwegereza kw'igihe bari biringiyemo kugaruka k'Umukiza. Buri gitondo, bumva ko icya mbere bakeneye ari ukuba bafitanye isano nziza n'Imana. Imitima yabo yari ihurije hamwe kandi bagasabirana. Bakundaga guteranira ahantu hihereye kugira ngo barusheho gusabana n'Imana, kandi amasengesho yabo yazamukaga mu ijuru aturutse aho bari bateraniye mu mirima no mu mashyamba. Kumva bemewe n'Umukiza wabo byabarutiraga cyane ibyo kurya bibatunga bya muri munsi, kandi iyo ibitekerezo byabo byazagamo urujijo, ntibagiraga ikiruhuko cyo gusenga kugeza igihe urujijo rweyuka. Uko biyumvagamo ubuhamya bw'ubuntu bw'Imana butuma bezwa, bumvaga batindiwe kubona uwo bakunda cyane." **Intambara ikomeye nini p. 342.**

### 3.10) Umuburo

"Keretse gusa imbaraga yo mu ijuru yigaragaje mu mibereho y'ubwoko bw'Imana, naho ubundi amahame atariyo n'ibitekerezo byo kwibeshya bizabarangaza. Yesu no gukiranuka bizaba ari ibintu bidasanzwe ku bantu benshi, kandi kwizera kwabo ntikuzarangwamo imbaraga n'ubugingo. Ntibazaba inararibonye mu rukundo rw'Imana mu buzima bwabo bwa buri munsi. Nibatanyura mu kwihana guhamye, bazaba mu bizera bashushanywa n'ab'i Lawodikiya, Umwami avuga ko azabaruka".



Scanned by CamScanner

"Nta kwicuza na kumwe kwaba ari uk'ukuri iyo kutazanye igikorwa cy'ubugorozi. Gukiranuka kwa Kristo si umwenda ugenewe gutwikira ibyaha umuntu adashaka kwicuza ngo abireke, ni ihame ry'ubuzima ruhindura imico rikayobora imyifatire. Ubutungane bushingiye ku kwiyegurira Imana burundu, ni ukuyegurira umutima wose, no kureka ubuzima bwose bukagengwa n'amahame y'ijuru."**Uwifuzwa ibihe byose, p. 263, 264.**

"Yesu atubaraho imico ye izira amakemwa kandi akatugaragaza kuri Se mu butungane bwe bwite. Abantu benshi batekereza ko bidashoboka gucika imbaraga y'icyaha, ariko Imana yasezeranye kutwuzuza ububasha bwayo. Tugambirira ibiciye bugufi cyane. Intego dusabwa yo irahanitse cyane." **Urwibutso** n'integuza, 2 Nyakanga 1892.

"Mumenye ko Henoki ahagarariye abazaba bakiri ku isi ubwo Kristo azagaruka, kandi bakazazamurwa mu ijuru badasogongeye urupfu." **Sermons ands Talks, vol.1, p.32. (1886)**

"Mu bihe byose abantu bahawe umunsi w'umucyo n'umwanya w'amahirwe n'igihe cy'imbabazi aricyo bashoboreramo kwiyunga n'Imana. Ariko ubwo buntu bufite urubibi rw'aho bugarukira. Imbabazi zibasha kumara imyaka zinginga zigasuzugurwa zikarekwa ntizitabweho; ariko igihe kiragera kwinginga kw'imbabazi kukarorera. Umutima ukanangirwa cyane ukareka kwikiriza Umwuka w'Imana. Maze ijwi ryiza ryingingaga rihamagara ntiryongere kumvikana ku munyabyaha ibihano n'imiburo bikarorera." **Desire of ages, p. 587.**

"Ubu turiho mu gihe gikomeye cy'amateka y'iyi si. Icyemezo cy'uko umuntu wese azamera kiri hafi gufatwa.

Imibereho myiza tuzahorana n'agakiza k'abandi bantu bishingira ku myifatire yacu ya none. Dukeneye kuyoborwa n'Umwuka w'ukuri. Uwizera Kristo wese akwiriye kwibaza ati: Mana yanjye urashaka ko nakora iki ? Dukeneye kwicishiriza bugufi imbere y'Uwiteka dusenga twiyiriza ubusa, tukigana ijambo ry'Imana umwete mwinshi, cyane cyane dutekereza iby'urubanza ruheruka. Tugomba kugira umwete wo gushakashaka mu Byanditswe byera, n'uwo kugirana isano ikomeye n'amagambo y'Imana. Nta gihe na gito dufite cyo gupfusha ubusa.

"Tuzengurutswe n'umwaduko w'ibintu bitahozeho; turi mu gikingi satani yishimira. Barinzi bashyizweho n'Imana nimureke guhunikira, umwanzi arabasatiriye, yiteguye igihe ari bubone mucitse intege cyangwa muhunyiza, kubagwa gitunguro akabahindura umuhigo we. ...Ntibihagije kuba ibiti byiza ndetse bibyibushye mu murima w'Imana. Bazabazwa imbuto beze Imana ibatezeho. Imana ibabaraho umwenda wo gutsindwa n'imirimo yose myiza bari bakwiriye gukora, kubw'imbaraga y'ubuntu Imana yabahaye. Mu bitabo byo mu ijuru, banditswe ko ari ibiti byiza byatwaye umwanya w'ubusa mu murima w'Imana. ...Imana iracyararika abo bose bahinyuye imbabazi z'Imana bakirengagiza urukundo rwayo muri aya magambo ngo : usinziriye we kanguka uzuke Kristo abone uko akumurikira, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi" **Intambara ikomeye nini p. 510.**

"Muri politike ya satani, harimo gutuma abantu batsimbarara ku mihango y'idini gusa, ariko bakiberaho nta butungane bwo mu mutima bafite. ...Umuntu wese wiyemeza ku bushake bwe kwanga inshingano y'Imana agakurikiza ibye bwite bimurimo, azageza



Scanned by CamScanner

ubwo abura ubushobozi bwo gutandukanya ukuri n'ikinyoma. Ubwenge burahuma, umutimanama ukazaho igihu, umutima ukinangira maze ubugingo bwe bugatandukanywa n'Imana." **Intambara ikomeye nini p.320.**

"Nuko namwe mube maso kugira ngo nyir'urugo atazaza abatunguye agasanga musinziriye. Akaga gakomeye kazagera ku birengagiza kuba maso bagashishikazwa n'iby'isi. Mu gihe abantu bahugiranye mu gukurikirana inyungu zabo, mu gihe urukundo rw'ibinezeza by'isi ruzababera nyambere, mu gihe abakobwa bazaba bahugijwe n'imideri no kwirimbisha, byashoboka ko muri icyo gihe umucamanza wo ku isi yatangaza aya magambo ngo: wapimwe mu gipimo, ugaragara ko udashyitse." **Intambara ikomeye nini. P.319.**



Scanned by CamScanner

# UMUGABANE WA 2: UBUGOROZI MU ITORERO



Scanned by CamScanner

# 1) INYIFATO IKWIRIYE MU GIHE CYO GUSENGA

"Nakiriye amabaruwa menshi ambaza ku byerekere inyifato umuntu akwiriye kugira igihe asenga umwami w'ijuru n'isi. Ni hehe abavandimwe bacu mu kwizera bakuye igitekerezo ko bakwiye guhagarara igihe basenga Imana? Umuntu umwe wari warigiye i Battle Creek imyaka itanu yasabwe gusenga mbere y'uko mushiki wacu Ellen .G White abwiriza abantu. Nyamara igihe namwitegerezaga ahagaze yemye ubwo yari hafi kubumbura akanwa ke ngo asenge Imana, umutima wanjye wangurumaniyemo kugirango mucyahe ku mugaragaro. Namuhamagaye mu izina rye maze ndavuga nti, ''**pfukama'**, **iyo ni** yo nyifato ikwiriye igihe cyose.

"Atandukana na bo umwanya ungana n'ahaterwa ibuye, arapfukama arasenga" **Luka 22:41.**

"Petero abaheza bose, arapfukama arasenga, ahindukirira intumbi ati: Tabita haguruka. Arambura amaso abonye Petero arabyuka aricara" **Ibyakozwe n'intumwa 9:40**.

"Bakimutera amabuye yambaza avuga ati: Mwami Yesu, akira mwuka wanjye! Arapfukama avuga ijwi rirenga ati: Mwami, ntubabareho iki cyaha. Amaze kuvuga atyo arasinzira'' **Ibyakozwe n'intumwa 7:59,60**.

"Amaze kuvuga atyo, arapfukama asengana nabo bose'' **Ibyakozwe n'intumwa 20:36**.

Scanned by CamScanner

''Tumaze iyo minsi tuvayo turagenda, bose baduherekeranya n'abagore n'abana baturenza umudugudu, dupfukama mu kibaya cy'inyanja turasenga'' **Ibyakozwe n'intumwa 21:5**.

"Ituro rya nimugoroba rituwe mpaguruka aho nari ndi nibabaje, umwambaro wanjye n'umwitero byari bishishimutse, mperako nkubita amavi hasi ntegera Uwiteka Imana yanjye ibiganza ndavuga nti: Ayi!! Mana yanjye, nkozwe n'isoni mu maso hanjye haratugengeza bimbuza kukuburiraho amaso. Mana yanjye kuko ibicumuro byacu bigwiriye, bikaturengerana, dutsinzwe n'imanza nyinshi zarundanyijwe zikagera mu ijuru" **Ezira 9:5,6**.

''Nimuze tumuramye twunamye, dupfukamire Uwiteka Umuremyi wacu'' **Zaburi 95:6**.

''Ni cyo gituma mfukamira Se w'umwami wacu Yesu Kristo'' **Abefeso 3:14.** Niba umutima w'umuntu witeguye kwakira , iki gice kizaba icyigisho cy'ingenzi dushobora kwiga.

Inyifato ikwiriye igihe umuntu asenga Imana ni ugupfukama. Abasore batatu b'Abaheburayo bari imbohe i Babuloni basabwe gukora iki gikorwa.... Nyamara igikorwa nk'icyo cyagaragazaga icyubahiro kigomba guhabwa Imana yonyine yo Mwami ukomeye utegeka isi, Umutegetsi w'ibyaremwe byose. Abo Bahebulayo batatu banze guha icyubahiro nk'icyo ikigirwamana icyo ari cyo cyose nubwo cyaba kigizwe n'izahabu nziza. Iyo babigenza batyo, mu migambi yose, bari kuba bapfukamiye umwami w'i Babuloni. Kubera kwanga ibyo umwami yari yategetse babonye igihano, kandi bajugunywe mu itanura rigurumana. Nyamara Kristo ubwe yariyiziye agendana nabo muri uwo muriro maze nti bagira icyo baba.



Scanned by CamScanner

Haba mu ruhame cyangwa mu rwiherero, ni inshingano zacu gupfukamisha amavi yacu imbere y'Imana igihe tuyibwira ibyifuzo byacu. Iki gikorwa kigaragaza ko tugengwa n'Imana.

Igihe cyo kwegurira Imana ingoro yayo y'i Yerusalemu, Salomo yahagaze areba urutambiro. Mu rugo rw'iyo ngoro harimo uruhimbi rukozwe mu muringa rwo guhagararaho, kandi Salomo amaze kuruzamuka yarahagaze, azamura ibiganza bye abitunga mu ijuru maze aha umugisha iteraniro rinini ry'Abisiraheli, nuko iteraniro ryose ry'Abisiraheli rirahaguruka…….

"Salomo yari yarakoresheje uruhimbi mu muringa rungana na metero ebyiri n'igice z'uburebure, na metero ebyiri n'igice z'ubugari, na metero imwe n'igice z'ubuhagarike, barushyira mu rugo rw'Ingoro. Nuko Salomo ararwurira apfukama imbere y'iteraniro ryose ry'Abisiraheli, arambura amaboko ayerekeje hejuru'' 2 Amateka 6:13. Isengesho rirerire yasenze ryari rikwiranye n'icyo gihe barimo. Yari ahumekewe n'Imana, ryari ryuje impuhwe zivanze no kwicisha bugufi gukomeye.

### 1.1) Kwiyiringira birenze urugero

Mvuze aya masomo atanga ubuhamya mbaza nti, ''Ni hehe umuvandimwe wacu H yakuye uburere afite ?'' - Ni Battle Creek. Mbese urebye umucyo Imana yahaye ubwoko bwayo ku byerekeye kwicisha bugufi, byashoboka bite ko abagabura, abayobozi b'amashuri yacu n'abarezi mu mvugo yabo n'urugero batanga bigisha urubyiruko guhagarara bemye igihe basenga nk'uko

Abafarisayo babigenzaga? Mbese ibi ntitwabifata ko bumva bihagije kandi ari ingirakamaro? Mbese iyi mico ikwiye kwemerwa ?

Twiringira ko igihe bene data begera Imana imwe rukumbi kandi ihoraho bazagaragaza kwicisha bugufi no kubaha bigeze ku rugero nk'urwo abapagani bagaragariza ibigirwamana byabo. Nibitaba bityo abo bapagani bazaducira urubanza ku munsi w'amateka. Ndashaka kubwira abantu bose bigisha mu mashuri yacu. Bagabo namwe bagore, ntimugasuzugure Imana kubera kuticisha bugufi kwanyu no kwishyira hejuru. Ntimukigere muhagarara mu bufarisayo bwanyu ngo musenge Imana. Ntimwiringire imbaraga zanyu bwite. Ntimukazishingikirizeho, ahubwo akenshi mujye mupfukama imbere y'Imana maze muyiramye.

### 1.2) Ku mavi mupfukamye

Kandi nimuterana kugira ngo muramye Imana, muzirikane kandi mupfukame imbere yayo. Nimureke iki gikorwa kigaragaze ko umutima wose, umubiri n'umwuka byose byumvira Mwuka **w'ukuri.** Ni nde wasomye ijambo ry'Imana abyitondeye ngo akuremo ingero n'amabwiriza ku byerekeye iyi ngingo?

Turiho mu bihe bishishana. Abadventiste b'umunsi wa karindwi bavuga ko ari ubwoko bw'Imana bwumvira amategeko; **nyamara bagenda batakaza umwuka wabo wo kuramya.** Uyu mwuka wo kubaha Imana wigisha abantu uburyo bakwiriye kwegera umuremyi wabo bafite ubutungane no kwiyoroshya mu kwizera, nyamara atari ukwiyizera ubwabo ahubwo bizera umuhuza wabo n'Imana. Muri ubwo buryo umuntu akomezwa mu byo yanyuramo uko byaba bimeze kose. Umuntu akwiye kuza



Scanned by CamScanner

agapfukama, yiringiye guhabwa ubuntu, akaza asaba yegereye intebe y'ubuntu. Uko buri munsi yakira ubuntu buva mu biganza by'Imana, mu mutima we ahora ashima kandi abigaragariza mu magambo yo gushima no guhimbaza ku bw'ineza yagiriwe atayikwiriye. Abamarayika bagiye barinda inzira anyuramo mu mibereho ye yose, kandi ntabwo yigeze abona imitego myinshi yarokowe. Ku bw'uku kurindwa no kwitabwaho n'amaso atigera agoheka kandi ngo asinzire, muri buri sengesho asenga umuntu agomba kuzirikana umurimo Imana imukorera….

### 1.3) Nta hantu hadakwiriye gusengerwa

Nta gihe cyangwa ahantu bidakwiriye ko umuntu yabwira Imana ibyifuzo bye. Haba mu mbaga y'abantu mu nzira, haba mu iguriro, dushobora kubwira Imana ibyifuzo byacu, kandi tugasaba kuyoborwa nayo nk'uko Nehemiya yabikoze ubwo yasabaga ari imbere y'umwami Aritazerusi. **Step to Christ (Pocket ed.), p.99.**

Dushobora kuvugana na Yesu igihe tugenda mu nzira, kandi aravuga ati, 'Ndi iburyo bwawe.' Dukwiriye gusabana n'Imana mu mitima yacu; kandi dukwiriye kugendana na Kristo. Igihe dukora imirimo yacu ya buri munsi, dukwiriye gusohora icyifuzo cy'umutima wacu kitumvwa n'umuntu uwo ari we wese; nyamara ntabwo iryo jambo ryayisoba cyangwa ngo rizimire. Nta kintu gishobora guhaza icyifuzo cy'umutima. Icyo cyifuzo kiratumbagira kikarenga urusaku rwo mu nzira n'urw'ibyuma bisakuza. Imana niyo tuba tubwira kandi isengesho ryacu rirumvwa. **Gospel Workers, p.258.**



Scanned by CamScanner

Ntabwo igihe cyose ari ngombwa gupfukama kugira ngo usenge (kubera aho uba uri n'ibyo urimo). Imenyereze kuvugana n'Umukiza igihe uri wenyine , igihe ugenda n'igihe uhugiye mu mirimo yawe ya buri munsi. **The Ministry of Healing, pp. 510, 511.**

***Aya magambo yose arangiye ni icyigisho kiboneka mu gitabo cy'Ubutumwa bwatoranijwe, vol. 2, p. 248.***

"Kwicisha bugufi kwa Salomo igihe yatangiraga kuyobora igihugu, ubwo yavugiraga imbere y'Imana ati: ''Ndi umwana muto'' **1 Abami 3:7**, urukundo rutangaje yakundaga Imana, uko yubahaga bikomeye ibyerekeye Imana, kutiyiringira kwe ndetse n'uko yahaye ikuzo Umuremyi wa byose, iyo mico yose ikwiriye gushimwa yagaragariye mu mihango yerekeye kuzuzwa k'urusengero, igihe yapfukamaga yicishije bugufi asenga isengesho ryeguriraga Imana iyo ngoro. Muri iyi minsi, abayoboke ba Kristo bagomba kwirinda icyabatera kubura umwuka wo kubaha no gutinya Imana. Ibyanditswe byera byigisha abantu ùko bakwiriye kwegera Umuremyi wabo bicishije bugufi kandi bahinda umushyitsi, kubwo kwizera umuhuza wacu wo mu ijuru. Umuhimbyi wa Zaburi yaravuze ati: "Kuko Uwiteka ari Imana ikomeye, ni Umwami ukomeye usumba ibigirwamana byose. Nimuze tumuramye twunamye, dupfukamire Uwiteka Umuremyi wacu." Zaburi 95:3,6.

Haba muri gahunda yo kuramya mu ruhame cyangwa ahiherereye, ni amahirwe yacu gupfukama imbere y'Imana igihe tuyisaba. Yesu we cyitegererezo cyiza, ''yarapfukamye arasenga'' **Luka 22:41**. Abigishwa be nabo bavugwaho ko ''bapfukamye



Scanned by CamScanner

bagasenga.'' **Ibyakozwe 9:40**. Pawulo nawe yaravuze ati: 'Ni cyo gituma mfukamira Data wa twese'' **Abefeso 3:14**. Igihe yaturiraga ibyaha by'Abisirayeli imbere y'Imana, Ezira yarapfukamye. Soma **Ezira 9:5**. Daniyeli ''yapfukamaga gatatu mu munsi asenga Imana ye, akayishimira." **Daniel 6:10**

Kubaha Imana by'ukuri guturuka ku kumva ugukomera kwayo kutagerwa no gusobanukirwa ko iri kumwe nawe. Kubw'uko kuzirikana Itabonwa , umuntu wese yagombye gukorwa ku mutima mu buryo bwimbitse. Igihe cyo gusenga n'ahantu hasengerwa ni ibyera, kuko Imana iba ihari. Kandi iyo kubaha kugaragarijwe mu myifatire n'imyitwarire, umwuka utera uko kubaha uzarushaho kwimbika. Umuhiinbyi wa Zaburi aravuga ati :'' Izina rye ni iryera ni iryo kubahwa.'' Zaburi 111:9. Iyo abamarayika bavuze iryo zina bitwikira mu maso. Mbega icyubahiro twebwe abanyabyaha bacumuye twari dukwiye kugaragaza igihe tuvuga iryo zina !" **Abahanuzi n'abami p. 25**

***Aya magambo arangiye nayo yakuwe mu gitabo cy'Abahanuzi n'abami, p.25.***

Mbese Imana yacu yandikishije amagambo nk'aya ku busa? Iyi nyifato yavuzweho kenshi ariko ntibyitabweho, kuko satani adashaka ko iki cyubahiro Ijambo ry'Imana ridusaba kuyiha itagihabwa. Kugira ngo ubyumve neza, uzumva uburyo nushaka gupfukamira Imana usenga mu ruhame uzarwana n'inarinjye ikurimo nk'ukirana n'umutima, isoni n'impamvu nyinshi bikuzemo. Ariko koko, abasenga ibitari Imana nyakuri bubarare, naho twe dusenga Imana rurema tukayisenga twihagararíye ? Ninde wagaragaza mu Ijambo ry'Imana aho gupfukama muri gahunda yo

kuramya gusa (yayindi twita iya saa tanu) byavuye ? Birashoboka ko waba uri ahatameze neza koko ugaha Imana icyubahiro mu mutima uhagaze nk'uko hari aho tubona mu Ijambo ry'Imana ko hari abasenze bahagaze, ariko se ubundi kuki tutahategura niba tuzirikana icyubahiro kiyikwiriye ? Ko hari n'abahagarara ahateguye se batabyitayeho ? Icyo Imana ishaka si amasengesho ya buri kanya muri za gahunda zacu atarimo kubaha, ahubwo make yerereza icyubahiro kiyikwiriye. Ese dusenge nk'uko Iyo dusenga ibidutegeka, cyangwa dusenge uko tubyumva ? Ikiranga abafarisayo, nuko Imana yavuze nabo bakiyongereraho ubunyurabwenge bwabo. Nonese aya magambo abereye mu bitabo by'umwuka w'ubuhanuzi ubusa ? Imana idushoboze kunesha icyishyirira hejuru cyose kuyirwanya.

Benshi bakunda gutanga ingero ngo hari abasenze bahagaze tubona muri Bibiliya: Imana yacu ntiyivuguruza cyangwa ngo ivuge amateshwa nk'ayacu. Hari impamvu ebyiri tubabonamo basenga batya: iya mbere nuko muri **Yohana 16:12,13,** Yesu yavuze ngo " ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira. Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose kuko atazavuga kubwe, ahubwo ibyo azumva nibyo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho." Uwo Mwuka w'ubuhanuzi Yesu yavuze rero niwo uri kudusubiza kuri gahunda yo kuramya Imana ikwiriye, niyo mpamvu dufite imicyo myinshi abatubanjirije batari bafite. Keretse nuba nka babandi uvuga isabato, iby'amategeko byose bakabijugunya, ariko simbikwifurije.

Impamvu ya kabiri nuko tubivuga tutazi aho abo basenze bahagaze twitwaza bari bari n'uko hari hameze; hashobora kuba bari



Scanned by CamScanner

ahadashobotse, niyo mpamvu n'uyu muja w'Imana Ellen G.White hari aho yaba yarabikoze, ariko igikuru n'icyo Imana idutetegeka. Reka tworohere Imana nk'abana bumvira.

## 2) UBUKWE

**Impeta y'ubukwe**: "Bamwe bibwiye ko abagore b'abapasitoro bagomba kwigana umuco maze bakambara impeta. Ariko si ngombwa. Nibambare impeta y'izahabu iboheye imitima yabo kuri Yesu Kristo, ni ukuvuga kugira imico yera kandi ikiranuka, koroha no kubonera ari zo mbuto z'igiti cy'ubukristo, bizababagaragaza aho bari hose.

"Ntabwo dukeneye kwambara impeta ngo tugaragaze ko tuzaba indahemuka ku masezerano. Mpagaritswa umutima cyane n'ibitekerezo bimwe byimitswe mu mitima ku mico na za mode ziriho. Ntabwo twagombye gutanga n'agaceri gato ku mpeta ngo ni ukugira ngo twerekane ko twashatse. Mu bihugu babigize itegeko, ntacyo twabivugaho, ariko babyitondere cyane. Niba ababwirizabutumwa bacu ari abakristo koko, bazagaragara mu uko bitwara kuri bagenzi babo." **Ibihamya ku itorero, vol. 1. P. 696.**

Ikibabaje nuko bazambikwa n'abize inyandiko zera ! Maze nabo bazibona bakazitaka intoki ugasanga buri rutoki rufite iyo rwitirirwa ! Ariko tuzirikana ko uwo mutungo tuzabazwa uko twawupfushije ubusa mu kunezeza inarinjye yacu ?

"Mu bwibone butewe no kugubwa neza k'umwami Salomo, yebengutswe umukobwa w'umunyegiputakazi aramurongora. " Nubwo ubwo bukwe bwari bunyuranije n'inyigisho z'amategeko



Scanned by CamScanner

y'Imana, mu mibanire ya kimuntu bwasaga n'ubuzazana umugisha kuberako umugore w'umupagani wa Salomo yahindukiye akihana agafatanya nawe gusenga Imana nyakuri. Ariko mu kwifatanya n'ishyanga ry'abapagani atyo, Salomo yarahubutse maze asuzugura inama nziza Imana yari yaratanze kugira ngo ubwoko bwayo bukomeze kugira ukwera kwabwo. Kwizera ko umugore we ukomoka muri Egiputa ashobora guhinduka byari urwitwazo rushyigikira icyaha kandi rurangwa n'intege nke." **Abahanuzi n'abami, p. 29.**

Ubwo ni uburwayi bweze mu basore benshi b'abizera bageze igihe cyo gushaka: ntarebe mu bizera bagenzi be bimitse Kristo mu mitima yabo, ahubwo agatangira kuraragiza amaso n'ibitekerezo areba uburanga bw'inyuma n'imitungo y'ibigaragara ahandi, atitaye ku bukristo. Ijambo ry'Imana ntirivugira ubusa umuburo, tegereza ingaruka uzazibona. Muzabaze neza, ubu benshi banyuze muri iyo nzira, uretse no gusarura ibyo bari bararikiye. ubukristo mu ngo zabo ni inzozi batizeye ko zizasohora ! Erega n'ubundi umusore w'umwizera ushaka uwo batari bahujè kwizera ngo aramuhinduriye, burya na wa musore ntaba yizeraga koko, aba yarahuje n'uwo yikundiye, iby'ubukristo ni umwitero w'inyuma yiteye.

"Ijambo ry'imfabusa umuntu yavuze, azaribazwa ku munsi w'amateka. Umukiza yaravuze ati: amagambo yawe niyo azagutsindishiriza kandi amagambo yawe niyo azagutsinda. **Umubwiriza 12:14, Matayo 12:36,37.** Tugerageze kuvugisha ukuri mu misango yo mu bukwe bwa gikristo kuko ari ko kwatwejeje,



Scanned by CamScanner

kandi umucyo wacu ukwire hose. Abakunda kubeshya bakanabikora, bazaba hanze y'umurwa wera. **Ibyahishuwe 22:15**

"Kubyina kwa Dawidi anejejwe no kubaha Imana kwatanzweho urwitwaho n'abashaka gushyigikira **imbyino** zo muri iki gihe, ariko muri iki gihe cyacu kubyina bijyana n'ibitekerezo bibi no kwishimisha. Imico y'indakemwa iguranwa kwinezeza. Muri ibyo Imana siyo baba bashyize imbere mu bitekerezo; nta no gusenga kuba guhari. Ibinezeza bicogoza urukundo rw'ibyera ntibikwiriye abakristo." **Abakurambere n'abahanuzi, p. 361.**

Uburwayi buri mu makwe yacu ni bwinshi, ariko byose byicwa n'abayobozi bahagarariye amahame mu matorero, nibatareba neza akaga karabarindiriye. Uko satani akorera muri bamwe mu bakozi be b'abatayeri yambika ubusa umugeni n'abamwambariye byo ni agahomamunwa ! Imyenda ibahambiriye cyangwa ibambika ubusa hejuru no hasi, yoo ni akumiro ni ukuri ! Harya koko, aho kugaragaza kubaha Imana, urikugaragariza nde ikimero cyawe ? Ntabwo uzi ko ibirura by'abasore biba byatashye ubwo bukwe mu minsi iza ukazaba uririra mu myotsi ? Nyabuna mufashe abo basore.



Scanned by CamScanner

## 3) UMUBATIZO

"Umubatizo ntiwari ukwiriye kubaho kugeza igihe uwigira kubatizwa yigishijwe, amenyeranye na Kristo mu buzima bushya bwe bwo kwihana, ndetse yiboneye ko koko kwihana kuzima guhindura ubuzima maze kugatanga imibereho myiza rwose. Elina White yaravuze ati: " Hari ubukene bukomeye busaba umwiteguro uhagije w'umwitegura kubatizwa igihe ategurirwa umubatizo. Umubatizo ni umuhango wera kandi w'agaciro cyane, niyo mpamvu hagombye kubaho gusobanukirwa kwimbitse kudahubutse kw'icyo usobanura kandi ushushanya. Ushushanya kwihana ibyaha, no kwinjira mu mibereho mishya muri Yesu Kristo. Ntihakwiriye rwose kugaragara gushyuhaguza n'umuhati udakwiriye byo kumaranira uwo muhango w'umubatizo." **Ibihamya by'itorero, vol. 9. P. 91,95,96.**

"**Mu nshamake, mbese abitegura kubatizwa baba bageze ku rugero ryari ?** Kuba umuntu yiteguye umubatizo, bagombye kubitangira ubuhamya ko Yesu ari Umwami w'ubugingo bwabo. 1 Yohana 4:5; Abaroma 10:9; Matayo 10:32. Hagombye kubaho ibihamya bigaragaza ko kwihana no guhindukira byamaze gushora imizi. Ibyak. 2:38; 3:19. Bagombye kwerekana kwizera gushikamye kandi kwera imbuto kukizera Yesu. Hagombye kuboneka ibihamya by'isano ikiza ya buri munsi idacika y'uwo mwigishwa na Kristo. Birasaba rwose kuba ufite igihamya cy'uko imibanire yabo n'abandi no kwivugurura byatangiye. Ingendo zo gusura abo bizera zagombye kuba zarakozwe n'umupasitoro cyangwa umukuru w'itorero bagahamya ko abo bantu biteguye koko kubatizwa." **Indongozi y'umukuru w'itorero, p. 121.**



Scanned by CamScanner

**"Abapasitoro bakwiriye kwigisha abitegura cyane mbere yo kubabatiza.** Abapasitoro babatiza abantu batateguye, baba bongereye umubare w'ingorane mu cyimbo cyo kongera umubare w'abizera mu itorero. Hakwiriye kubaho igenzura ry'imibereho y'umwitegura wese. Iri genzura ntirikwiriye gukoranwa ubwira cyangwa uburangare, ahubwo rikoranwe ubugwaneza n'urukundo. Nibamara kugaragaza mu kuri ko byose bibasobanukiye, bazabone kwemerwa." **Testimonies to Ministers, p. 128. Indongozi y'itorero p. 41,42.**

Ibi byandikiwe ko muri iyi minsi hari gahunda yo kuba umuyobozi aba ari muri gahunda z'umubatizo, bagahamagara n'abandi bashaka kubatizwa ngo baze kandi batarabigishije. Yemwe n'uri muri yorodani agakomeza kurarikira abantu kuza atazi ubuhamya bw'uwaza uwo ariwe. **Abaroma 10:14.**

## 4) UMURYANGO

**Zimwe mu ngamba zibungabunga umuryango:**

* Kuganira kenshi byongera urukundo n'icyizere
* Kumva neza ko mu muryango atari mu ijuru, ibibazo bishobora kubaho.
* Gukemura ikibazo kivutse utaragirije
* Kugabana inshingano n'imirimo mu muryango
* Gutunganya neza no mu bwumvikane imibonano y'abashakanye, kuko nta kibazo kibamo kitabonerwa umuti babishatse; nuko ibanezeze mwembi.
* Guhora mugaragarizanya urukundo rushyushye mu magambo n'ibikorwa biruta ibindi.



Scanned by CamScanner

Kuryamana kw'abubatse: nyuma y'isesengura riturutse mu bushakashatsi bwinshi, Kinsey, Hunt, Bell, Levin, Trusel, Westoff, Masters, Johnson, inkingi z'ikubitiro z'amadini nka Mose, Muhamadi na Luteri, ndetse n'abacurabwenge Solon na Socrate, bageze ku myanzuro ko abashakanye bafite ikigero hagati y'imyaka 20 na 35 babonana inshuro 2 cyangwa 3 mu cyumweru; hagati ya 35 na 50 ni inshuro 1 cyangwa 2 mu cyumweru, naho hejuru y'imyaka 50 bo ni inshuro nke cyane mu kwezi. Izi nshuro kandi nazo zishobora kongera kugabanywa bitewe n'ubuzima abashakanye bafite.

"Abagabo n'abagore bafite umwuka wo gutinya Imana, nibakangukire inshingano yabo. Benshi bavuga ko ari abakristo bari mu bubabare bwo kugwa ikinya kw'imitsi yumva n'iy'ubwonko (paralysie nerveuse et cérébrale) kubera kutirinda muri urwo rwego. Benshi muri abo bafatwa nk'abantu b'ingirakamaro, bari mu myanya ikomeye, barasenga bakanarira, ariko bafite amagufwa n'umusokoro byamunzwe. Yemwe ni abapfu bahagaze, ntibazigera barenga amarembo y'umurwa wo mu ijuru (kubera imibonano mpuzabitsina bagira kenshi)."

"Oh, yebaye nashoboraga kumvisha abantu bose ko bahamagarirwa n'Imana gusegasera impagarike n'ibitekerezo byabo mu rugero rutunganye kugira ngo bakorere umuremyi wabo mu buryo bw'intangarugero." **Conseils sur la conduite sexuelle, l'adult ère at le divorce, p. 135-136.**

Ababyeyi banshi kubera gushaka imibereho mu kazi, nta mwanya **bafite** wo gukurikirana abana babo, wagira ngo ntibazasobanura iby'iyo migisha y'abana mu rubanza !



Scanned by CamScanner

# 5) ISABATO

## 5.1) Uko Isabato yitegurwa

Ngo "mu minsi itandatu ujye ukora abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose". Isabato yitegurwa mu minsi itandatu iyibanziriza. Nta murimo ukwiye gukorwa muri iyo minsi wo kwirengagizwa kugira ngo bitatubana byinshi mu myiteguro yo kuwa gatandatu ( ku wa nyuma wo kwitegura ). **Itangiriro1: 5,8; Abalewi 23:32; Mariko 1:322.** Izuba ntiryica igihe cyaryo. Isabato itangira ku wa gatandatu izuba rirenze ikarangira ku wa karindwi izuba rirenze. Umuntu wese udakoresha igihe cye neza mu minsi itandatu y'imirimo, aba yishe itegeko, ahwanye n'ukora ku Isabato; kuko uburyo twitegura muri iyo minsi, nibwo butuma tubona imigisha ihagije itangwa ku munsi w'Isabato wo kuruhuka. Na none dukwiye gukora gahunda idukwiye y'imirimo yacu mu minsi itandatu, kugira ngo tudakora by'agahanyu muri shuguri bituma twinjira mu masaha yera y'Isabato twananiwe tutabasha gusabana n'Umuremyi uba yifuza kongera kuturema bundi bushya, ugasanga turasinzira muri gahunda.

Ku wa gatandatu ( Vendredi ) ni umunsi udasanzwe w'imyiteguro kuko ariwo uyiheruka. Dore uko ijambo ry'Imana rivuga iby'uwo munsi mu **Kuva 16:23**, ngo " murebe ko imyambaro yose izambarwa itunganye, ibyo kurya byose byatetswe, inkweto zasizwe umuti kandi umuntu wese yiyuhagiye. Imyambaro ntikwiye kudodwa ku Isabato. Guteka ibyo kurya, kwishakira ibinezeza cyangwa kwikorera indi mirimo yose iduha inyungu ntibikwiye gukorwa ku Isabato. Imirimo yose ikwiye kurangira izuba ritararenga, impapuro zose zivuga iby'isi ziherereziwe ku



Scanned by CamScanner

ruhande aho zitabonwa ngo zisomwe. Babyeyi, musobanurire abana banyu imirimo n'umugambi wanyu ngo bajye bafatanya namwe kwitegura no kwitondera Isabato nk'uko itegeko riri." **Ibihamya by'itorero,vol.6 p. 355.**

**Nehemiya 10:31** " Abaganira iby'ubucuruzi cyangwa bakajya mu nama ya byo ku munsi w'Isabato, Imana ibabara ko bakora imirimo nk'indi yose" **Ahakurambere n'abahanuzi, p.307.**
**Yesaya 58:13.** Umulimo udakwiriye, ibinezeza n'ibiganiro bidafite umumaro w'iby'umwuka no gutega amatwi radiyo cyangwa indirimbo bitavuga iby'Imana, byose bitwiba umwe mu migisha yo muri uwo munsi wera. Si byiza gusoma ibinyamakuru bivuga iby'isi cyangwa ibinyamateka, kugura no kugurisha ku munsi w'Isabato."

Aho bishoboka hose, abakoresha bakwiye kurekera abakozi babo amasaha ya nyuma ya saa sita kuwa gatandatu ( Vendredi) ngo bitegure batuje". **Ibihamya by'itorero,vol.3 p.20**-23. Cyane cyane abigenga bikorera ku giti cyabo n'abitunze bo mu giturage; Aha! Ngo amafaranga aboneka Isabato iri hafi gutangira! Gira kumasha ukiranukire Imana utsinde icyo gishuko, Imana izakumenyera ibigukwiye. Mbese ntibyahesha Imana yacu icyubahiro, **abakoresha** baruhuka ku munsi w'Isabato, babaye ab'imbere mu guha abakozi babo umwanya wo kujya kwitegura umunsi w'Umwami nk'uko Ijambo ry'Imana rivuze, bakabarekera amasaha y'ikigoroba kuwa nyuma ? Ibyo uzabihererwa imigisha kuko uzaba wumviye, kandi uzaba wigishije, ufashije abataragerwaho n'uyu mucyo w'Isabato y'Uwiteka, bagukorera. Imana iguhe imigisha !

Abitwa ko baruhuka Isabato benshi bisigaye ku muhango wayo gusa ! Benshi cyane bamaze kwibagirwa umunsi ukomeye w'Uwiteka ! Bamaze kwibagirwa aho amasaha yera y'uwo munsi atangirira n'aho agarukira ! Imana iduha umugisha yageneye uwo munsi, bitewe n'uko isanze twiteguye; ariko iyo nta myiteguro y'umutima n'iy'umubiri yabayeho, uwo munsi urinda urangira



Scanned by CamScanner

twambaye ubusa. Kuri benshi, Isabato ihera mu gitondo cy'uwo munsi bagiye gusenga, kuko yatangiye bibereye mu byabo ! Aha nta gakiza gahari, twe kwirema agatima. Abagerageje bo, bibwira ko itangira nimugoroba bagiye mu iteraniro ryo gutangira Isabato ! Ukababona biruka biyuha akuya bavuye iyo mu kazi ( kandi bikorera, bafite uburyo bwo guhagarika akazi kare ), ariko aho gutegekwa n'Umwuka w'Imana ngo bagire gahunda, bategekwa n'imirimo yabo ! Nta gutuza ngo bitegure, maze bakirema agatima ngo ni abakomeza Isabato !

Abagore bamwe, aho gusiga akoze gahunda mu gitondo atarajya ku kazi, ahubwo igihe atahiye nimugoroba yirukanka akaba aribwo ajya kuremereza abasigaye, ngo muteke n'ibi n'ibi ! Abandi bagahubuka mu kazi basiganwa n'amasaha yo kujya mu iteraniro ritangirira ku rusengero: ni abayobozi ngo batica gahunda cyangwa abizera ngo badacikwa, bibagiwe ko Ibyanditswe bivuga ko iryo teraniro ry'umugisha rihera mu kwezwa ko mu rugo ! Oh ! Mbega ngo Yesu arabona bamuteye agahinda kubwo kutumvira ! Muri iki gihe akazi kenshi gakorwa mu ngendo; ariko birababaje kwigerezaho kw'abakristo ba none: gufata urugendo rurerure rw'akazi ku wa nyuma utazirikana inkomyi zagufatirayo ni ukwigerezaho rwose. Byaba byiza mu bucuruzi bwacu dukoreye hafi ku wa nyuma ngo tutavaho tuvogera amasaha yera y'Imana.

### 5.2) Uko isabato yizihizwa

" Kuwa gatandatu ( Vendredi) mbere y'uko izuba rirenga, abagize umuryango bayobowe n'umukuru muri bo, bakwiye guteranira iwabo ngo biyeze: bararirimba bagasenga, abana bakabigiramo uruhare, bakagira bike basoma mu Ijambo ry'Imana, ubundi bagasabana imbabazi hagati muri bo, nyuma bakazisaba Imana. Nk'umutambyi mukuru, umukuru muri bo, abanza gusabana



Scanned by CamScanner

n'Imana wenyine, ubundi agateranya umuryango, nyuma bakajya mu iteraniro rusange.

Ntabwo dukwiye gupfusha ubusa ayo masaha yejejwe y'Isabato twiryamira. Tubyuke ku gihe kugira ngo twubahirize gahunda y'Isabato. Ibyo kurya byo kuri uwo munsi, ntibikwiye kuba byinshi bigusha ivutu cyangwa ibikurura irari cyane kugira ngo tutarogowa; ariko bibe byiza byoroheje, ibidahora ku meza buri munsi. Nubwo tugomba kwirinda guteka ku Isabato, mu gihe cy'itumba dushobora gushyushya ibyo twateguye ku wa gatandatu kuko ibikonje nk'ibyo bishobora kutugwa nabi.

Amasaha menshi y'umunsi w'Isabato, ababyeyi bagomba kuba hafi y'abana babo. Mu miryango myinshi, kuri uwo munsi abana bararekwa bakigira mu byo bishakiye bidatinze ugasanga banyaragurika bikinira, bityo Isabato igata kwera kwayo kuri bo. Ni ifuti rikomeye kubatererana utyo. Ngo n'umunyamahanga ( umushyitsi) uri iwawe ntabwo agomba kuzirura Isabato umurebera. Igihe hameze neza, ababyeyi bakwiye gutemberana n'abana mu byaremwe babasobanurira impamvu yo kwera k'uwo munsi barimo n'udutekerezo tw'ibya Yesu.

Tugomba kumenya ko umwambaro wo guterana kwera ko ku Isabato, atari uwo twiririrwana mu kazi. Ntawe ukwiriye kujya mu materaniro y'isabato ngo yisinzirire kuko abasinzira nta mwanya bafite mu nzu y'Imana. Bene aba ni ba bandi baba barakoze by'agahanyu mu cyumweru, ku Isabato bakajyana igitambo cy'ibitotsi kidashimwa mu nzu y'Imana. Amazu yacu acururizwamo ibyo kurya ( Restaurant) akwiye gufunga kuri uwo munsi abakiriya bacu bagapfunyika kuwa gatandatu ( Vendredi) ibyo bazarya ku Isabato; mbega ngo urabona abasore b'abizera bacu bagiye kugura ibyo kurya ku Isabato ! Niba dushaka kubona imigisha y'uwo munsi, tugomba kuweza dukomeje. Si byiza gukora ingendo nyinshi ku Isabato.



Scanned by CamScanner

Hari igihe byashoboka ko ufata urugendo rurerure ku isabato ( kuko imirimo myiza y'ubutabazi yemewe kuri uwo munsi), ariko uko bishobotse kose tujye aho dushaka kujya gukora umurimo kuwa nyuma ku buryo tutagerayo ku Isabato. Ngo cyangwa itungo ryawe: rishobora kuba ari ifarasi arizo modoka zacu zitagomba gukorera amafaranga ku Isabato " **Ibihamya by'itorero, vol.3. p. 24-32, 150.**

Buri Sabato dukwiye kujya twinira tugatekereza iby'icyo cyumweru kirangiye kituzaniye ari nyungu cyangwa igihombo mu by'umwuka. **Ibihamya by'itorero, vol.6.p356.** "Isabato, yaba idutera umunezero cyangwa igihombo, biterwa n'umwuka tuyakirana. Nitwumva ko uyu munsi ubereyeho kutubuza imirimo, nta mugisha tuzabona. **Uwifuzwa ibihe byose, P.289**

## 6) IMYAMBARIRE N'IMIRIRE

Ibihamya byinshi by'Umwuka w'ubuhanuzi, byagaragaje ko icyayi, ikawa na Coca atari ibyo kunywa by'abazima, ahubwo ari umuti w'abarwayi. Uretse kwihambira ku bibuzanijwe kwuzuye kwinangira, ibihamya byanagaragaje ko inyama n'amafi atari ibyo kurya by'abakristo keretse abashaka gutandukana n'ubwoko bw'Imana. Ariko ikibabaje nuko imirire mibi nk'iyo ariyo yibereye mu ngo, mu kwiyakira by'abapasiteri n'abayobozi benshi cyane, ku buryo wagira ngo baguye ukubiri n'ibihamya ! Ubu noneho hagezweho guca intege abantu b'Imana bashaka kwirinda ngo byose bimaze kwandura turafata iki ! Oh, mwene Data, ibyo byose Imana yari ibizi, wowe hagarara neza mu byo usabwa yahamije, utegereze gusohora kw'amasezerano yayo.



Scanned by CamScanner

"Abantu bafite inshingano zikomeye mu itorero cyane cyane abapasiteri, bagomba kuba abantu bumva kandi bagahora bari maso. Bakeneye cyane kwirinda kuruta abandi bose. Ariko kenshi umwanzi yangiza umurimo wabo mu byo kurya nabi." **Rengera ubuzima, vol. II, p. 17.**

"Mu ibarwa ya 48 yo mu 1902, Ellen G. White yandikiye abayobozi ku byerekeranye n'ubugorozi, ngo abayobozi mukomeza kurya inyama mukigisha n'abandi ko uwo mucyo atari ngombwa, mugomba kuzakira n'ingaruka zikomoka kuri uko kutumvira kwanyu. Igihe abayobozi muburizamo imbaraga za bagenzi banyu bigisha iby'ubugorozi bw'iby'umuze muke, muba muvuye mu murongo w'ababwirizabutumwa bwiza, kandi mukorera mu ruhande rubi rw'umwanzi." **Inama ku mirire n'ibyo kurya, p. 481.**

"Ku bijyanye n'uburyo bw'imyambarire, itegeko ry'Imana ryarirengagijwe, nuko ubuyobozi bwayo bushyirwa ku ruhande. Gutegeka kwa kabiri 22:5 ngo umugore ntakambare imyambaro y'abagabo, umugabo nawe ntakambare iy'abagore, kuko bene ibyo ari ikizira ku Mana. Imana ntiyifuza ko ubwoko bwayo bwakwambara bene iyo myambaro. Ntabwo ari imyanbaro yambarwa n'abagore biyoroshya bahamya ko ari abayoboke ba Kristo. **Igitsure cy'Imana gihora ku muntu wese uharanira kuvuga ko nta tandukaniro ry'imyambaro y'abagabo n'abagore**. Iyaba Pawulo yari akiriho, yakagombye gusenya iki kintu mu bagore."

"Umwambaro w'umugore ntugomba kuba umuhambiriye. Ntabwo mba mvuga iby'ubupfu iyo mvuze ko uburyo abagore



Scanned by CamScanner

bambara hamwe n'ibyo bararikira, ari bimwe mu mpamvu z'intege nke zabo. " **Ubutumwa bwatoranijwe, vol. 2, p. 389,390.** Mbega uburyo abagore n'abakobwa bo muri iki gihe bashaka kwambara imyenda igaragaza uko bateye: amabuno n'umubyimba ! Ariko mushiki wanjye, wambaye imyenda ikurekuye waba iki koko ? Ntabwo bazi ko iki ari igitero cy'umwanzi ngo agayishye ab'Imana nabo base n'abandi kandi abakururire mu bwibone no kwiyumva, bityo basigare buzuye ubukristo buhishe inarinjye.

Wari uzi ko mode y'imyambaro yambika ubusa hejuru cyangwa hasi n'amajipo asatuyeee yaturutse kwa satani ? Niko abo mu birori bye bambara. Ngo abasirimu bo bagomba kwambara amavi n'intege bigaragara ! Uziko hari n'abitiririwa izina ry'Imana bari kwimakiya, amarangi n'amasheneti nka Yezeberi ! Nitutaba maso abagore n'abakobwa benshi barashirira i Shitimu ! Mbarangiye gusoma igitabo cy'Integuza vol. 2.

Kuri iki cyigisho cy'imyambarire hari benshi bakora nk'abakozi b'umwanzi : abadozi bamwe ntibashishoza ngo bashyire mu gaciro batoranye imyenda bategura niba ari imyenda ikwiriye ubagana. Iyo umuntu abasabye ngo bamudodere, bene abo bakozi ntibareba niba ari mini, isatuye cyangwa ihambiriye umubiri ku buryo yambika ubusa. Kuri bo icy'ingenzi ni uko yifatira icyo kiraka, ngo amafaranga yarabuze ! Abandi nabo yabona amapantaro ariyo agezweho mu bagore n'abakobwa ati : nabonye imari !

Abandi bakristo bafite za solon de coiffure cyangwa se bazikoramo, abacuruza za produits de maquillage, satani arabariganya bagatunganya imibiri y'abakiriya mu buryo



Scanned by CamScanner

butemewe n'amahame y'Ibyanditswe byera ! Ese mwene Data, uko urimbisha abantu b'Imana, Imana irabishima ? Nyabuna Bagenzi banjye, icy'ingenzi si ibiduha amafaranga gusa, ahubwo ni n'ibihesha Imana icyubahiro. « Intumwa za satani zikajije umurego wo kwonona ubwenge bw'abantu no kwanduza imibiri yabo ! » **Rengera ubuzima , vol. I p. 64.**

**Umuburo ku bayobozi n'abapasiteri barebera:**
"Abadivantisiti bakora icyaha gikomeye cyane mu kureka abizera b'amatorero yabo bambara mu buryo budahuje n'Ibyanditswe byera. Tugomba guhagurukira nonaha iki cyaha tugakingiranira hanze ibishuko bya mode. Amatorero natagira atya, azazimira." **Ibihamya by'itorero, vol.1. p. 695.**

## 7) MUZIKA MU MAKORALE YACU

"Aho kuri iyo nzu hagoswe n'abamarayika abasore bateranye ,harumvikana amajwi y'ibikoresho bya muzika. Abo ni abakristo, ariko se turahumva iki? Indirimbo ipfuye ikwiriye icyumba cyo kubyiniramo. Nguko uko abamarayika babakuraho umucyo maze abari mu nzu bagasigara mu mwijima. Abamarayika bagenda bababaye, barira. Ni ipica neretswe inshuro nyinshi mu bakomeza isabato. Amasaha menshi yakoreshejwe mu gucuranga kandi yari gukoreshwa mu gusenga.

Gucuranga byahindutse ikigirwamana gihabwa icyubahiro n'abantu benshi bavuga ko bakomeza isabato. Satani ntabwo asuzugura gucuranga niba azi ko yabikoresha mu kugera ku ntekerezo z'abasore. Akoresha uburyo bwose bwo kurangaza



Scanned by CamScanner

intekerezo akarangiza umwanya wose wakagombye gukoreshwa mu murimo w'Imana.

Gukoresha ibicurangwa nabi, bikuza ubwibone, ubupfu n'ubusazi ku babuze kwitanga. Iyo bisimbuye umwanya wo gusubira mu Ijambo ry'Imana no gusenga, bihinduka umuvumo ukomeye. Abasore baterana kubwo kuririmba akenshi bigaragaza ko ari abakristo, bakoza Imana isoni no kwizera kwabo kubw'amagambo apfuye na muzika itagira akamaro.

Indirimbo yera ntabwo ihuza n'ibibaryohera. Inyigisho z'Ijambo ry'Imana kuri iyo ngingo ziragaragara neza ariko zatambutse mu buryo bwa bucece nongeye kuzibutswa. Igihe cy'urubanza ayo magambo yose yahumetswe azacira urubanza abayirengagije bose." **Ubutumwa ku basore p 293-294.**

"Neretswe ko urubyiruko rugomba guharanira kugera ku rwego rwo hejuru kandi bakagira Ijambo ry'Imana umujyenama n'umuyobozi wabo. Bafite inshingano zikomeye ariko bazifata mu buryo bworoheje. Aho gukangurira abasore ibyo kwera n'iby'umwuka, kwinjiza ibya muzika mu ngo byabaye uburyo bwo kwigiza intekerezo zabo hirya y'ukuri .

«Uhoraho yanyeretse ko ibintu mwabonye byabaye mu Buhindi bizongera kubaho mbere yo kurangira kw'imbabazi. Hazabaho urusaku ruvanze n'ingoma, umuziki no kubyina. Intekerezo z'abantu bashishoza zizaba mu rujijo ku buryo badashobora kwiringirwa ko bafata imyanzuro itunganye. Ibi nibyo satani yahimbye kugira ngo atwikire amayere ye yuzuye ubucakura ngo azimye ukuri kwera, kuzahura, guhesha icyubahiro kandi kweza kugenewe ab'iki gihe kube imfabusa. Byaba byiza gusenga Imana



Scanned by CamScanner

batavanzemo muzika, kurusha ko bakoresha ibicurangisho banyeretse.....Imbaraga z'abadayimoni zivanga n'urusaku kugira ngo habeho gutwarwa no gusamara, kandi ibi bikitirirwa umurimo wa Mwuka wera." **Ubutumwa bwatoranijwe, vol.2, p.29.**

"Abahanga baminuje mu bya muzika nka Gisele Willy Winandy, Christiane Passevant, Georges Pascal, Assoukpou Adjitin Emmanuel n'abandi batavuzwe muri uru rutonde, bemeza ko muzika nyinshi izi zivuza ingoma zitandukanye zikoreshwa muri iriya nanga ya sentetizeri mu ndirimbo zo mu matorero yacu, zahimbiwe kubyutsa iruba ry'ubusambanyi no kunezeza abari mu busambanyi, imyivumbagatanyo ya politiki n'ibindi bibi byinshi by'umwanzi. Izo kandi nizo zicurangwa ku ruhimbi rwacu. Nizo izi: Rock and Roll, Jazz, Folk, Blues, country, Rythme & Blues, Reggae, Rumba, Soul, Zouk Machine, Rap.... Amakorale menshi yaririmbaga neza mu majwi yabo, ubu yamaze guhindana, ubutumwa batanga ntibucyumvikana kubera kugendera ku ngoma zo muri sentetizeri ngo ni ibigenzweho ! Yoo !

***Abalewi 10:1*** : « Nadabu na Abihu bene Aroni, benda ibyotero byabo bashyiramo umuriro, bashyiraho imibavu bayosereza imbere y'Uwiteka umuriro udakwiriye, uwo atabategetse.»

***Gutegeka kwa kabiri 7:26***: «Ntuzajyane ikizira mu nzu yawe utagibwaho n'umuvumo nka cyo, ahubwo uzacyange urunuka, uzakigire umuziro kuko ari ikintu kiriho umuvumo.»

***Umubwiriza 7:5***: «Ibyiza ni ukwemera guhanwa n'umunyabwenge, kuruta kumva indirimbo y'abapfapfa.»



Scanned by CamScanner

Uwitwa Aimable Nsabayesu, Umukristo akaba n'Umwarimu wa muzika mu ishuri ry'umuziki rya Kigali (Kigali Music School), yagize ati : «Muri iyi minsi tubabazwa cyane no gusanga mu nzu y'Imana abaririmbyi bakoresha amoko ya muzika y'abadayimoni (musique démoniaque ou satanique dans la maison de l'Eternel) mu gihe baherekeza amagambo y'Imana, kugeza ubwo hari aho twasanze badatinya gushyiramo incurango ziba mu MASENTETIZERI zahimbwe n'abapagani zikoreshwa mu nzu z'imbyino (Aho babyinira nijoro : Night club). Akomeza agira ati : «Hari incurango turimo gukoresha mu nzu z'Imana nyamara inkomoko yazo ari iy'abadayimoni kugira ngo bateze abantu ubusambanyi n'**ubundi buyobe** butandukanye mu by'umwuka.» **Inama zigirwa abaririmbyi bakoresha ibyuma bya muzika, p. 107.**

Ikibabaje kandi ni uko benshi mu bayobozi b'itorero bicecekera bagaterera agati mu ryinyo nkaho ari nta kibazo gihari. Bibagiwe ko bene iyo myitwarire ishobora gutuma Imana idakomeza gukorana nabo nk'uko Uwiteka yabwiye Yosua iti: «Sinzongera kubana nawe ukundi keretse murimbuye ikivume mukagikura muri mwe.» **Yosua 7:12**.

Gisèle Willy Winandy nawe yagize ati: «Gushyira amagambo y'Imana mu ncurango y'umuziki wa gipagani, ni ukuvanga ibyera n'ibyanduye, kandi Ibyanditswe byera birabitubuza. **Ezekiel 22:26: ngo "Abatambyi bishe amategeko ku rugomo, banziruriye ibintu byanjye byera. Ntibamenyesheje abantu gutandukanya ibyanduye n'ibitanduye, maze nsuzugurirwa muri bo."** Mbega amagambo ababaje !



Scanned by CamScanner

"Umuziki unyeganyeza amano n'amatako mu njyana za disco zimeze nk'izo mu mazu babyiniramo (boites de nuit), nta mwanya ufite muri gahunda yo kuramya kw'abantu b'Imana, tutitaye ku magambo yakoreshwa ayo ariyo yose.» **WINDANY, P.42.**

Paulo yandikiye Timoteyo amagambo akurikira: «Umuntu wese uvuga izina ry'Uwiteka ave mu bidatunganye.» **2 Timoteo 2:19**. Assoukpou avuga ko ibidatunganye ari nk'iyo miziki ya gipagani, kubyina banyeganyega n'uwo mwuka w'isi (ambiances mondaines), ati: «Byose byerekeza ku bitsina no kwiyandarika.» Akomeza agira ati: "Kuba mu bidatunganye ni ugufata ibizira ukabizana mu murimo w'Imana. Kandi icyo ni ikizira mu maso y'Uwiteka." **Assoukpou, p.52**.

Sinatinya guhamya ko amateraniro arimo imiziki nk'iyo yerekeza abantu mu busambanyi ataba ayobowe n'Umwuka w'Imana. Ahubwo aba ayobowe na Satani ubwe n'ingabo ze nk'uko umuja w'Imana Ellen G.White yabyeretswe. **Messages à la jeunesse**, P.293.

Muri **Matayo 14 :6**, batubwira ibyo kubyina k'umukobwa wa Herodia. Yari imibyinire yo mu butayu yo kunyeganyeza inda n'amayasha (reins). Iyo mibyinire yanejeje Herode. Bimutera guhangara gucisha Yohana umubatiza umutwe ari muri gereza. Mu **Kubara 25** : Balamu abonye ko ubundi buryo bwo kuvuma Abisirayeri bunaniranye, yagiriye Umwami Balaki inama yo gukoresha ibirori birimo umuziki no kubyina. Mu bihe nk'ibyo,



Scanned by CamScanner

Satani biramworohera guhondobereza itorero. Buhoro buhoro, itorero rikagenda rihenebera. Ingaruka ni uko abantu bapfa mu by'umwuka.

Mu **Ndongozi y'itorero p. 220**, ngo « Indirimo irimo imbyino n'ingoma ikwiye kwirindwa cyane, keretse tubaye abatararezwe neza. » Nyabuna bayobozi muhagarariye iby'umwuka nidukumire ibyo bizira mu itorero. Tuve mu marangamutima n'ibyubahiro bidahesheje Imana icyubahiro, amakorari ahabwe inama kandi azikurikize kuko ari umuburo ukomeye ngo ibyera byivangure n'ibyanduye. Izi nama, abapasiteri n'abandi bayobozi b'amatorero bamwe barazizi, ahubwo ngo ntibashaka gukoma rutenderi ! Baravuga ngo izo ndirimbo zishyushya iteraniro nizo zituma batanga, kandi akenshi amakorale acuranga atyo ni ay'abafite amafaranga bazakenerwa mu bikorwa binyuranye ! Ntabwo umurimo w'Imana ushingira ku bizira na bene byo, Imana yacu ishobora byose.

## 8) KIMWE MU ICUMI N'AMATURO

"Muri iyi gahunda yo gutanga icya cumi, Uwiteka yashakaga kwigisha Abisirayeri ko agomba kuba nyambere muri byose. Si umugambi w'Imana ko abakristo bafite amahirwe arenze cyane ay'ishyanga rya Isirayeli ryari rifite, batanga ibiri hasi y'ibyo abisirayeli batangaga. Abantu benshi bashukishwa gukoresha umutungo wabo mu kwinezeza, mu guhaza ipfa ryabo, kwirimbisha no gutunganya aho batuye. Nyamara igihe basabwe gutanga ibijya mu mutungo w'Uwiteka kugira ngo umurimo we kuri iyi si ujye



Scanned by CamScanner

mbere, bashaka urwitwazo, bagatanga udufaranga duke cyane ugereranyije n'ayo batanga binezeza mu bitagira umumaro."

"Umwuka w'ubugugu niwo uyobora abantu gukoresha umutungo w'Imana mu kunezeza irari ryabo, kandi ni umwuka wa satani. Abo banyabugugu bazabibazwa, atari uko bakoresheje umutungo w'Uwiteka nabi gusa ahubwo nuko baciye intege umurimo kandi imikorere yabo igatera agahinda abagaragu b'Imana bakiranuka." **Ibyakozwe n'intumwa, p.209-210.**

"Bariba Imana icya cumi n'amaturo, ariko ku gicaniro cyo kurimbuka bagatanga byinshi birenze ibyo bafashisha abakene cyangwa ibyo batangira gushyigikira umurimo w'ubutumwa bwiza!" **Intambara ikomeye nini, p.406.**

"Mbega icya cumi tuzanira Kristo ! Mbega ubusabusa buteye isoni twitura iby'agaciro kenshi ! Ku musaraba w'i Kaluvari niho Kristo aduhamagarira kumuha ibyo dufite byose, natwe tukamwiyegurira uko tumeze kose." **Ibyakozwe n'intumwa, p.95.**

"Gukunda amafaranga no kwifuza ubutunzi ni ikigirwamana cya mamoni kuri benshi kandi bimeze nk'umunyururu w'izahabu ubaboheye kuri satani." **Kugana Yesu, p.31**

"Ntukagerageze gukinisha Imana mu gutanga. Gutanga bikwiriye kuba igisubizo cy'urukundo ruhebuje rw'Imana Yesu yerekaniye ku musaraba w'i Kaluvari. Mu **Bihamya by'itorero, vol.3, p.405,** havuga ko abantu bacu bakwiriye kwiga gutanga bidatewe n'igihe runaka umutima ushigutse, ahubwo buri gihe



Scanned by CamScanner

hakurikijwe gahunda. Ntabwo dukwiriye gutegereza gutanga mu gihe cy'ibirundo gusa cyangwa mu gihe twavuguruwe gusa, ahubwo gutanga uko twungutse cyangwa uko dusaruye gukwiriye kuba kimwe mu bigize imico yacu." **Ubusonga bunonosoye, p. 89.**

"Imana yatumye kwamamaza ubutumwa bwiza bigerwaho bishingiye ku muhati n'impano by'abantu bayo. Ku byo Imana yahaye umuntu, imuha umudendezo wo kwiyemeza niba ashobora gutanga ibirenzeho. Nyamara igihe umutima wemejwe n'Umwuka wera maze umuntu agasezerana kugira icyo atanga, usezeranye nta burenganzira na buke aba agifite ku byo yeguriye Imana. Iyo umucyo mvajuru urasiye mu mutima ufite imbaraga no kumurika kudasanzwe, ubugugu bwabaye akamenyero buvaho maze umuntu akaba yiteguye gutanga kubw'umurimo w'Imana." **Ibyakozwe n'intumwa, p.50.**

"Neretswe ko Malayika wandika ibikorwa by'abantu mu bitabo byo mu ijuru yandika mu buryo bwitondewe, ituro ryose rituwe Imana rigashyirwa mu bubiko bwayo, akandika umusaruro uheruka w'uko ryakoreshejwe. Ijisho ry'Imana rigenzura buri faranga ritangiwe umurimo wayo n'ubushake bwiza cyangwa umutima mubi wa nyir'ugutanga. Umugambi umuteye gutanga nawo urandikwa. Abemera kwitanga no kwitamba mu gihe bagarurira Imana ibyayo nk'uko ibibasaba, bazahabwa ingororano uhwanye n'imirimo yabo. Kabone nubwo amafranga yatanganywe uwo mutima yakoreshwa nabi, ni ukuvuga mu buryo bwo kudasohoza umugambi w'icyo yatangiwe ariwo wo guhesha Imana icyubahiro no gukiza imitima, ntibazabura ingororano zabo." **Umurimo wa gikristo, p. 269.**



Scanned by CamScanner

"**Gusenga ntibisimbura icya cumi:** amasengesho ntahindura ubushake bw'Imana, adushyira mu musabano mwiza n'Imana. Ntasimbura inshingano dufite ku Mana. Amasengesho menshi amwe twita ko ashyushye ntazemerwa n'Imana mu mwanya w'icya cumi. Amasengesho ntasimbura amadeni dufite ku Mana." **Messages a la jeunesse, p. 246.**

## 9) AMADENI

"Umunyabyaha aragurizwa ntiyishyure, ariko umukiranutsi agira ubuntu agatanga." **Zaburi 37:21.** "Umukire ategeka umukene, kandi uguza aba ari nk'umugaragu w'umugurije." **Imigani 22:7.**

"Abenshi kandi benshi cyane, ntibiyigishije uburyo bwo gukoresha imali yabo mu buryo buhwanye n'imali babona. Ntabwo biga kubaho mu buryo buhwanye n'uko bameze, nuko bakaguza, bagakomeza kuguza kugeza ubwo imyenda ibasaguka, bikageza aho bituma bacogora maze bakiheba. Iyo umuntu amaze kugibwaho n'imyenda, aba amaze kugwa mu mutego wa satani ategesha abantu. Ab'isi bashobora kwiringira yuko abavuga ko ari abakristo ba Bibiliya ari abakiranutsi cyane. Umuntu umwe gusa iyo atitaye ku kwishyura ibikwiriye, abantu bacu bose bajya mu kaga ko gutekerezwa ko ari abatiringirwa. Gambirira yuko nta wundi mwenda uzagira. Emera uhebe ibintu igihumbi aho kujyamo umwenda. Wuhunge nk'uko wahunga ubushita." **Inama zigirwa itorero, vol.2, p. 64.**

"Iyo umuntu abaye umuhemu, ntahemukira abandi yiretse. Ubuhemu butuma abibwiraga ko bizeye ukuri baba akazuyaze. Iyo umuntu ashatse kwiyungura ahombeje mugenzi we, aba yivukije



Scanned by CamScanner

imbaraga y'Umwuka w'Imana. Abantu bishinga kuba abahemu, bazabikomeza batyo kugeza ubwo bizakora ku bugingo bwabo ndetse bikabavutsa ijuru n'ubugingo buhoraho. Kwica isezerano naho ryaba iry'umuntu cyangwa iry'Imana ni kimwe no kwiba." **Ibyigisho bya Bibiliya, p. 72.**

"Mu gitabo cy'**Ubusonga bwa gikristo, p.809**, ku cyigisho kivuga "Ubwicanyi bubi bw'amadeni", havuga ko tugomba kwita ku gafaranga kose twakira tukagacunga neza ngo turebe ko twagabanya imyenda dufite; ngo tubeho ubuzima bwo kwigomwa: ibiryo byiza cyane, n'ibindi twararikira byose kugeza turangije kwishyura imyenda tirimo. Twishyure vuba. Igihe tuzaba turangije kwishyura amadeni yose nta muntu numwe dusigayemo ifaranga, tuzaba tugeze ku nsinzi ikomeye cyane."

Kuri iyi ngingo y'amadeni, umurimo w'Imana urahazaharira cyane: umuyobozi cyangwa umwizera wabaswe nayo, ntiyishimira ntanahingutsa ibikorwa by'ubwitange mu murimo, kuko azi ko bizamugora gusohoza amasezerano; ubundi rwose kurwana no kwishyura amadeni arimo bikamuherana rwose pe; ntabeho atekanye Imana ikamubura imureba. Dufate imyanzuro yihuse yo gukiza ubugingo bwacu.



Scanned by CamScanner

## 10) AMASHYIRAHAMWE

Ntimukifatanye n'abatizera mudahwanye, Mbese gukiranukā no gukiranirwa byafatana bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite? Kandi Kristo ahuriye he na Beliyali cyangwa uwizera n'utizera bafitanye mugabane ki ? **2 Abakorinto 6:14**

**Ellen G.White** ati " Amashyirahamwe y'ubucuruzi azaba kimwe mu bizazanira iyi si akaga katigeze kubaho kuva igihe isi yabereyeho" **Ubutumwa bwatoranijwe, vol. 2 p. 112.**

"Akomeza agira ati "Umurimo w'ubwoko bw'Imana ni ukwitegura ibizaba mu gihe kizaza, aribyo bigiye kuzabaho bidatinze bizane n'imbaraga itera ubuhumyi. Amashyirahamwe aharanira inyungu zayo bwite azashingwa mu isi. Abantu bazifataniriza mu mashyirahamwe azabakomataniriza mu nzitiro z'umwanzi.Abantu bake bazishyira hamwe kugira ngo bafate umutungo ubasha kuboneka mu nzira runaka z'ubucuruzi. Hazashingwa amashyirahamwe y'ubucuruzi, kandi abantu bazanga kujya muri ayo mashyirahamwe bazaba ari abantu biteze kubona akaga. Amashyirahamwe y'ubucuruzi no gufatanya by'ab'isi ni umutego". **Ubutumwa bwatoranijwe, vol. 2 p.112, 113.**

"Ababi birundanyirije mu mashyirahamwe agamije kubona imitungo, ay'abakozi, mu mashyaka ya politikie n'ubumwe bw'ibihugu. Ntitukagire aho duhurira na hamwe n'ubwo bwifatanye. Imana niyo Databuja n'umuyobozi wacu kandi



Scanned by CamScanner

iraduhamagarira gusohoka mu isi no kwitandukanya na yo "muve hagati yabo kandi mwitandukanye niko Uwiteka avuga kandi ntimukore ku kintu cyose cyanduye: **2 Abakorinto 6:17**; nitwanga kumvira, nidukomeza kwifatanya n'isi no kubona ibintu nk'uko ab'isi babibona, tuzahinduka nk'isi" **(Ibyaduka byo mu minsi y'imperuka, p. 120 ingingo 405)**

"Amashyirahamwe y'abakozi ni kimwe mu bikoresho bizaba imbarutso bigatuma muri iyi si habaho igihe cy'impagarara zitigeze kubaho uhereye igihe isi yabereyeho….Agatsiko gato k'abantu kazikubira uburyo bwose bushoboka bwo mu mashami amwe n'amwe y'ubucuruzi. Hazakorwa amashyirahamwe y'abakozi kandi abazanga kuyajyamo bazahabwa akato. Kubw'ayo mashyirahamwe y'abakozi mu gihe gito ntibizaba byoroheye ibigo byacu gukomeza umurimo wabyo mu mijyi".**Ibyaduka p.120,121;ingingo 406, 407, 408, 409.**

**Ellen G.White** yaranditse ati "ayo mashyirahamwe ni kimwe mu bimenyetso bigaragaza iminsi ya nyuma, abantu bari kwikusanyirizwa mu miba yenda gutwikwa. Bashobora kuba ari bamwe mu bagize itorero, ariko igihe bakibarizwa muri ayo mashyirahamwe ntibashobora gukurikiza amategeko y'Imana kubera ko kuyabamo bibazanira kwirengagiza amategeko icumi yose". **Ubutumwa bwatoranijwe, vol 2 P. 113,114.**

Ijambo ry'Imana rigira riti "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose n'ubwenge bwawe bwose kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda" **Luka 10:25**



Scanned by CamScanner

**Ellen G.White** avuga kuri ayo magambo atya ati "Ayo magambo avuga mu nshamake inshingano yose y'umuntu. Asobanuye kwegurirwa umurimo w'Imana k'umuntu wese uko yakabaye: Umubiri, ubugingo n'umwuka. Ni mu buhe buryo abanyu bakumvira aya magambo kandi bakanaharanira gushyigikira aya mashyirahamwe abuza abaturanyi babo umudendezo wo kugira icyo bakora? Na none kandi ni mu buhe buryo abantu bashobora kumvira aya magambo kandi bagakora amashyirahamwe ahuza amatsinda yambura abantu bakennye cyane amahirwe yabo, ababuza kugura no kugurisha akabemerera gusa hari ibyangombwa bujuje." **Ubutumwa bwatoranijwe, vol. 2 p.114**

"Abavuga ko ari abana b'Imana uko byagenda kose ntibagomba kwifatanya n'amashyirahamwe y'abakozi yashinzwe cyangwa ashobora kuzashingwa. Ibi Uwiteka arabibuzanya. Mbese abiga ubuhanuzi ntibashobora kubona no gusobanukirwa ibiri imbere yacu? " **Ubutumwa bwatoranijwe, vol.2 p.114**

## 11) ITORERO NA LETA

**Itorero ritangiye kwishingikiriza kuri Leta riba ryavuye mu buntu.** Abagenza batyo ( gufatira imyanzuro mugenzi wabo ) ntibanyurwa no kugaragaza icyo banenga kuri mugenzi wabo. Iyo badashoboye kumuhindura uko bashaka mu buryo bworoshye, bitabaza uburyo **bw'ingufu,** bakomeza muri ubwo buryo bakagera kure kose gushoboka kugira ngo bamuhatire gukurikiza imyumvire yabo bibwira ko ari myiza. Ni ko Abayuda babigenzaga mu gihe



Scanned by CamScanner

cy'Umukiza n'icyo Itorero ryakoze buri gihe kuva icyo gihe, buri gihe uko ryakuraga amaso ku mwuka wa Kristo. Mu kubura ububasha bw'urukundo byarirangaga, itorero ryitabaje imbaraga zo mu isi ngo bemeze amahame no gushyira mu bikorwa amategeko-teka yaryo. Aho ni ho hakwiriye gushakira impamvu nyakuri yatumye habaho amategeko yose y'itorero yigeze gutangazwa n'akarengane kose kuva kuri Abeli kugeza muri iki gihe.

Mu kwirinda gutwaza abantu igitugu, Yesu yabireherezagaho, imbaraga yonyine akoresha ni iy'urukundo. Igihe Itorero rishatse ubutabazi bw'ububasha bw'iy'isi, biba byumvikana ko ritakigira imbaraga n'urukundo mvajuru. **Une vie Meilleure, p.133; gereranya na Jesus Christ, p.111-112; 505-506.**

## 12) UMUKRISTO NA POLITIKE

Umaze kubona ko ubumwe bw'Itorero na Leta bufasha Satani kugira ububasha, bimeze bite ku mukristo imbere ya politiki ?

"Incuro nyinshi babajije Kristo gukemura ibibazo bijyanye n'amategeko n'ibya politiki. Ariko yanze kwinjira mu bibazo by'igihe gito. Yari azi ko mu bya politiki bakoresha uburyo bubi n'igitugu gikomeye. Ariko uburyo bwe bwonyine bwo guhishura ibintu bwari ubwo kwamamaza ukuri kwa Bibiliya ku bantu benshi cyane bihutira kumuzenguruka, yabagezagaho amahame atunganye kandi yera y'amategeko y'Imana kandi yavuze ku mugisha uturuka ku kubaha ayo mahame. Akoresheje ubutegetsi mvajuru, yaheshaga



Scanned by CamScanner

agaciro ubutabera n'imbabazi. Ariko yanze kwivanga mu mpaka z'abantu ku giti cyabo." **Ibihamya by'itorero, vol.** 9. P.218.

« Abigisha bo mu itorero cyangwa mu ishuri bigaragaza ku bw'umurava wabo muri politiki, bari bakwiriye gukurwa ku mirimo yabo ako kanya, kubera ko Umwami adashobora gukora afatanije nabo. Umugabane ntiwari ukwiriye gukoreshwa mu guhemba uwo ari we wese kugira ngo avugane ukwiyemera ku bibazo bya politiki. Buri mwigisha, buri mubwiriza cyangwa mwarimu uri mu nzego zacu, urangwa n'ubushake bwo gukwirakwiza ibitekerezo bye bya politiki, agomba guhinduka binyuze mu kwizera ukuri, cyangwa se akareka inshingano ye. Ububasha bwe bukwiriye kwigaragaza nk'umukozi w'Imana agarurira Kristo imitima, niba atari ibyo impapuro zimuhesha uburenganzira bwo gukora akwiriye kuzakwa. Nadahinduka, azakora ibibi gusa. Mu izina ry'Umwami ndashaka kubwira abigisha bose bo mu mashuri yacu, mukore umurimo wanyu wihariye. Imana ntiyabahamagariye kwishora muri politiki. » **Fundamentals of Chritian Education, p. 475-476.**

## 13) UBUSAMBANYI

"Mbere yuko isi ya kera irimburwa n'umwuzure, yari yarabaswe n'iri shyano. Ibihe iyi si yacu irimo, birihutira cyane kugera aho Imana igiye kuvuga ngo 'Umwuka wanjye ntazahora aruhanya n'abantu.' Ubusambanyi ni kimwe mu byaha bikomeye byoretse ab'iki gihe cyangiritse.

"**Ubusambanyi bumaze kuba icyaha cya gikirisitu.** Icyaha cy'ubusambanyi kirakorwa cyane n'abakristo, kikaboneka mu bapasiteri no mu bizera bafite amazina yabo mu myanya myiza yo



Scanned by CamScanner

mu bitabo by'itorero. Abakozi benshi ba Kristo bameze nk'abahungu ba Eli, bitwaza imyanya y'ubuyobozi bafite bakagusha abari indahemuka kuri icyo cyaha. Bazisobanura mu buryo bukomeye igihe byose bizashyirwa ahagaragara n'Imana. Abakristo bahamagariwe gutamba imibiri yabo ku gicaniro cy'Imana. **Abaroma 6:12,13.** Niba ubuzima bw'igitambo bwaragombaga kubanza gusuzumwa ngo bube igitambo cyemewe n'Abayuda, ni bangahe bashobora guhagarara badatsinzwe n'iki kigeragezo maze bakagaragara imbere y'Imana nk'abera badafite ikizinga cy'icyaha ? Ibihumbi byinshi by'Abisirayeli bishoye mu busambanyi baguye mu butayu. Ibyo byandikiwe kutwigisha twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe" **Conseils sur la conduite sexuelle, l'adultère et le divorce, p. 115-120.**

Abayobozi bazima nibahaguruke nka Feniyasi, bahane bateshe iki cyorezo kigiye kwararikira imbaga ku nkengero ya Yorodani, dore ko tutarebye neza benshi bahashirira. Muhaguruke mugenzure mu matsinda yose y'itorero akunda guhuza abadahuje ibitsina, mu makorari menshi wagira ngo nicyo bahamagariwe, ngo babyita gukundana. Mbega mu ba J.A. urubyiruko rw'itorero ! Yoo ! Ni akumiro pe ! Muri ya matsinda yabo, mu ngando zabo. Yoo ! Imana ibatabare ! Amakorali menshi ari mu busambanyi buteye ubwoba, barabwejeje, hari aho uwawe ajya muri chorale cyangwa J.A. ugahora uhangayitse ahubwo. Ndashima cyane itorero rimwe rizi kugenzura neza, ryagize ubutwari rihagarika chorale imwe kubera gushayisha muri iki cyaha. Abayobozi b'amatorero batari maso ngo bahagarare nk'abakumilizi bateshe, bazasigara barapfuye bahagaze, amatorero yabo nayo narebera azimirire mu mwijima w'umwanzi.



Scanned by CamScanner

"Igihe umugabo uvuga ko yigisha ukuri agerageje gushaka inshuti mu bakobwa cyangwa mu bandi bagore bubatse, ngo ni ikivandimwe akajya abashyiraho ukuboko (akabatindana mu kiganza) maze akisanzurira kuganira nabo kenshi, mumutinye. Amahame yera y'ukuri ntaba akorera mu mutima we. Abakozi nkabo ntibaba bari muri Kristo na Kristo ntaba ari muri bo." **Ibihamya by'itorero, vol. 2, p. 277.**

## 14) URUKUNDO RWA KIVANDIMWE

"Nuko umwe mu bigishamategeko ahagurutswa no kumugerageza, ati: "Mwigisha, nkore nte kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho ?" Nawe aramusubiza ati: **Usoma iki mu mategeko ?"** Aramusubiza ati: **Ukundishe Uwiteka** umutima wawe,...kandi **ukunde mugenzi wawe** nk'uko wikunda" Luka 10:25-27. Urukundo mu itorero.

Abizera benshi bavuga ko bakomeza amategeko, ariko badafite icyanditse mu mategeko ! Umupasitoro umwe witwa Jaques Sequeira, yaravuze ngo niba ushaka kumenya uko umwizera akunda Imana, bizagaragarira mu buryo yirekura yitabira gutanga inkunga y'amafaranga mu murimo w'Imana. Ibaze niba iyo wakwa inkunga y'umurimo w'Imana utagorana cyangwa wibwiriza bibaye ngombwa: cyangwa iyo bavuze ifaranga utonekara umunsi uhuza ubwonko n'umufuka ?



Scanned by CamScanner

Ko intumwa zasangiraga ibyazo, kandi tukaba dusabwa kugira imbaraga irenze iyabo, urukundo tugaragariza abaturanyi, abavandimwe by'umwihariko mu bizera rumeze rute koko ? Buriya iyo tuje gusenga tuba turi mu mwuka umwe ? Wowe ufite icyo urushije mwene so, uzirikana ko hari icyo wakora n'abandi bakoroherwa mu buzima bwabo bubagoye ? Erega nicyo Imana yabiguhereye ? Mbese icyiciro cy'ubutabazi iwacu ntabwo ari ibintu bikayutse byo kuvuga amasomo n'amasene gusa, umukene yimyoza ko ntacyo bimumariye ? Ni ubutabazi butabara koko ?

«Ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere. Nuko ibuka aho wavuye ukagwa wihane, ukore imirimo nk'iya mbere, kuko nutabikora nzaza aho uri nkure igitereko cy'itabaza cyawe ahacyo, nutihana.» ***Ibyah. 2:4,5***.

«Umwami yanyeretse ko ayo magambo ajyanye n'iby'itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi muri iki gihe. Bataye urukundo rw'Imana, nicyo cyatumye hatakibaho na gato urukundo rwa kivandimwe. Abantu bakunze inarijye,.... Itorero ryabonye igihe cyo kwera imbuto, ariko ryabaswe n'inarijye. Imana iraribwira iti : «Nzakura igitereko cyawe mu mwanya wacyo, keretse niwihana.» **Yesu Kristo Gukiranuka kwacu, p.120.**

Abakristo bo mu Rwanda dufite ikigeragezo cyihariye tuzasuzumirwaho cy'irondabwoko n'irondakarere. Yaba mu bayobozi b'itorero cyangwa mu bizera, cyane cyane mu bantu bakuru mu myaka, hari abokamwe n'icyo kimungu cyabaye inzigo cyangwa kamere yabo ku buryo batanabitekerezaho. Akikumva cyangwa akikubona atangira kwibaza ubwoko uri bwo, kuko muri



Scanned by CamScanner

we hari abo yiyumvamo n'abo abona nk'abadakwiriye kubaho cyangwa kugira icyo bakorerwa.

Ibi byago byagwiriye igihugu cyacu nabyo, byabaye nk'ibuye risitaza kuri bamwe ku byerekeye gusaba imbabazi no kubabarira. Niba hari ikintu gihabura kamere, ni ukujya kwatura icyaha wakoze ukanasubiza iby'abandi wangije cyangwa ibyo wibye. Niba hari ikintu kivunnye umutima ni ugusanga uwaguhemukiye ukamubwira icyaha yagukoreye yakwihana akababarirwa. Mbega ukuntu imitima ya bamwe yahisemo kwituriza n'icyo kimungu kiyerekeza ku kurimbuka ! Matayo 18:15; Mika 6:8.

## 15) UMUBURO WIHUTIRWA GUTEKEREZAHO WO KUVA MU MIJYI

### Nta nyungu nziza iba mu mijyi

"Mbega itandukaniro ry'ubuzima bw'Aburahamu n'ubwa Loti ! Mbere bose bari aborozi b'abimukira; bose bafatanyaga gusenga Imana ku gicaniro bari kumwe batamba kandi babanaga mu mahema yabo. Ariko nyuma Loti yahisemo gutura mu mujyi w'i Sodomu kugira ngo anezezwe n'iby'isi byahabonekaga. Yari yiyemeje rwose kurinda umuryango we ibibi byahakorerwaga. Kuri icyo yaratsinzwe bidasubirwaho. Gusabana kw'abana be n'abari batuye i Sodomu kwamuteye gukundana nabo nubwo atabishakaga. Tuzi ingaruka zabyo nuko zamukurikiranye n'abanyamujyi bamukomotseho bose. Nituramuka twihaye gutura ahantu hagwiriye ingeso z'isi no kutizera, ntabwo Imana izatwishimira kandi tuzaba



Scanned by CamScanner

twirukanye intumwa z'ijuru mu rugo rwacu." **Patriarches et prophetes, p. 145,146. Francais.**

"Iyo gukiranirwa gukomeye kugwiriye mu gihugu, buri gihe cyose haboneka ijwi ryumvikana ritanga umuburo n'amabwiriza nko kuri Loti i Sodomu. Nyamara kandi, Loti aba yarashoboye gukingira umuryango we ibibi byinshi iyo aba atarubatse urugo rwe muri uwo mujyi w'ikivume kandi wanduye. Ibyo Loti n'umuryango we bakoreye muri Sodomu byose baba baranabikoze n'iyo batura hanze yawo." **Ibyaduka byo mu minsi y'imperuka, p.77,78 (1899) igifaransa.**

"Ababyeyi bimukira mu mujyi n'imiryango yabo bibwira ko byoroshye kuhabonera imibereho kuruta mu byaro. Ariko iyo abana babuze ibyo bakora mu gihe batari ku ishuri, bibonera uburere bwo mu mayira. Kubwo kubana n'inshuti mbi, bakahandurira ingeso mbi z'ubukozi bw'ibibi no gupfusha ubusa umutungo." **Ibihamya by'itorero, vol.5 p. 232 (1882). Ikingereza**

"Akenshi ibidukikije byo mu mijyi ni ibyo gushyira ubuzima bwacu mu kaga: hari akaga gahoraho ko kuhandurira indwara, umwuka wanduye, amazi mabi, ibyo kurya bitanogeye ubuzima, amacumbi y'imfundanwa birenze urugero, yijimye abangamiye ubuzima. Ntibyari mu migambi y'Imana ko abantu birundaniriza mu mijyi , mu kajagari k'urugerekerane rw'amagorofa n'utuvundi bicucitse." **Umurimo w'ubuvuzi, p.365 (1905), ikingereza.**

"Nta muryango numwe ku ijana uzagubwa neza mu by'umubiri, mu by'ubwenge no mu by'umwuka ugituye mu mujyi.



Scanned by CamScanner

Kwizera, ibyiringiro, urukundo n'umunezero bishobora kugerwaho mu buryo bworoheje iyo uri ahitaruye, ukikijwe n'imirima imisozi n'ibiti. Nimwigize abana banyu kure aho batabona ndetse ntibumve urusaku rw'umujyi, urwa za gare ya moshi n'imodoka za rukururana, maze intekerezo zabo zizarusheho kuba nzima. Muzibonera ko birushijeho kuborohera kumenyereza imitima yabo ukuri kw'Ijambo ry'Imana." **Foyer Chretien , p. 131.**

"Nyagasani yifuza ko abizera bakwimukira mu cyaro aho bazabasha gutura mu masambu no kwihingira amatunda n'imboga ndetse n'abana babo bakazashobora kwegerana n'imirimo y'Imana yo mu byaremwe mu buryo butaziguye. Mwimurire imiryango yanyu kure y'imijyi, nibwo butumwa bwanjye." **Messages Choisis, vol. 2, p. 410.**

" Nk'ubwoko bw'Imana bwubahiriza amategeko yayo, tugomba kuva mu mijyi. Tugomba gukora mu mijyi ariko ntituyituremo, nk'uko Enock yagenje." **Ibyaduka byo mu minsi y'imperuka, p.77,78 (1899) igifaransa.**

"Imijyi ikwiye kubwirizwa n'abaturutse hanze yayo. Intumwa y'Imana yarambwiye iti: mbese imijyi ntizaburirwa ? Izabwirizwa. Ariko ubwoko bw'Imana ntibugomba kuyituramo. Bugomba kuyisura ngo buyiburire ku bigiye kwisuka ku isi." **Messages choisis, vol.2 p.410**

"Iherezo riri bugufi kandi bidatinze buri mujyi wose uzakozwa hirya no hino. Ikigomba kunyeganyezwa cyose kizanyeganyezwa. Ibyago bizaba bingana n'urugero rwo



Scanned by CamScanner

gukiranirwa kw'abantu ndetse n'umucyo w'ukuri bazaba barakiriye." **Manuscript release, p.248 (1902).**

**Ikimenyetso cyo gusohoka mu mijyi:** "Igihe ntikigitinze, aho kimwe n'abigishwa ba mbere tuzahatirwa gushakira ubuhungiro ahitaruye hataba abantu. Nk'uko ubwo ingabo z'abaroma zagotaga Yerusalemu byabaye ikimenyetso cyo guhunga ku bakristo b'i Yudaya, niko ibyo kwifatanya kwa Leta ya Amerika n'ubupapa binyuze mu iteka rihatira abantu kuruhuka Isabato y'ubupapa, natwe bizatubera umuburo. Ubwo noneho nibwo igihe kizaba gisohoye ngo dusohoke mu mijyi minini mbere yo gusohoka no mu birorero bitoya ngo duhungire kure, hagati mu misozi." **Ibihamya by'itorero, vol.5 p.464,465 (1885).**

"Abaturage ba Leta ya Amerika ni ubwoko bwagize amahirwe, ariko ubwo bazakuraho umudendezo w'iby'iyobokamana, bakihakana Ubuprotesitanti bagakundwakaza Ubupapa, urugero rwo gukiranirwa rwabo ruzaba rwuzuye, kandi ubuhakanyi bw'ishyanga buzandikwa mu bitabo byo mu ijuru." **Review and Herald, 2/5/1892.**

"Amahanga azakurikiza icyitegererezo cya Leta ya Amerika. Izakingura inzira, kandi akaga kazagera ku bwoko bwacu mu migabane yose y'isi." **Ibihamya by'itorero, vol.6 p.395. (1900).**

"Isi yose izaba ifitiye Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi urwango, bazira ko batunamira ubupapa ngo baburamye bubahiriza umunsi w'icyumweru (dimanche), washyizweho n'ubu butware bwa Antikristo." **Testimonies to Ministers and Gospel Workers, p.37. (1893)**

Nose bene Data, ko nziko dukurikirana amakuru, amanama ari gucicikana hirya no hino ku isi ategura umushinga wa gahunda



Scanned by CamScanner

imwe igiye kuyobora isi, abantu baruhuka ku munsi umwe w'icyumweru, murabona kuba twiyicariye tudatekereza icyo tugomba gukora nk'uko ubuhanuzi bwavuze iby'ibi bihe bwaduteguje, nta kaga karimo ? Koresha uburyo ufite wiyarure bigishoboka, witegure nk'uko wateguj we, impanda ntivugira ubusa.

"Hari banshi bumva baguwe neza, bagisinziriye nk'uko byahoze. Baravuga bati: niba ubuhanuzi bwaravuze itangazwa ry'itegeko ry'agahato ko kuruhuka ku cyumweru, nta kabuza iryo tegeko rizashyirwaho. Maze bagera kuri uwo mwanzuro, bakiyicarira bategerereje mu mutuzo icyo cyaduka, bakihumuriza bibwira ko Imana izarinda ubwoko bwayo mu gihe cy'akarengane. Ariko Imana ntizadukiza niba nta mwete tugize wo gusohoza inshingano yaduhaye…" **Review and Herald, 24/12/1889.**

**Ubuzima bwo mu mujyi bushingiye ku ifaranga, vuba cyane bugiye gushyirwa muri gahunda izagora ubwoko bw'Imana. Ufite ugutwi kumva niyumve.**

## 16) IBWIRIZABUTUMWA

Ikibazo itorero rifite mu ibwirizabutumwa ni:

- Abapasiteri bamwe batihannye binjijwe cyangwa bemerewe kuba mu murimo nk'akazi gasanzwe bakorera ibihembo. Bene aba rero, bacungana no gutekinika raporo bazaha ababakuriye, ubundi kuko no mu kazi kandi k'isi ariko bimeze, bakikundiriza ku babakuriye ngo akunde abe i bunaka, azamurwe mu rwego atazagira icyo amarira. Abapasiteri nk'aba ni abahirika bahirika amahame. Badindiza umurimo kandi bagatukisha itorero.
- Abalayiki ni ukuvuga ababwiriza cyangwa abayobozi b'amatorero batihannye, bahagaze mu murimo kubw'icyubahiro gusa no kugira ngo bakore ibyaha ntihagire uvuga.

Burya iyo utanga amatangazo cyangwa se ubwiriza Ijambo ry'Imana ukabarangira aho basoma, abanyalawodokiya babanza gusoma imibereho yawe (mu kazi, mu rugo n'uko ubanye nabo niba uvuga ibyo ukora) bakabona guha agaciro isomo cyangwa igihamya wabarangiye. Amatorero menshi yabaye nk'amagufwa yumye arambaraye mu karere abarizwamo kubera gucungana, guhangana, guhimana, abandi ni indeberezi zitirirwa itorero kandi byarabayobeye !

Ababwiriza benshi barasabwa kujya borohereza amatorero abakeneye, aho kugorana: abavugwa cyane ni bamwe mu babwiririsha ubutumwa ibitabo kuko ibyo basaba ngo bemere kujya mu murimo biba biruhije.



Scanned by CamScanner

Abizera benshi cyane tumeze nka ya nkingi bitaga mbona bihita. Aho kuzirikana inshingano Imana yatuzaniye mu Itorero yo kubwiriza ubutumwa bwiza mu mpano iyo ari yo yose ufite, mu mwanya n'uburyo ufite urugo ku rundi cyangwa mu matsinda, twabaye ibiti bibyibushye, binyunyuriza ubusa ubutaka nta mbuto zihesha ubugingo badusoromaho. Ubu ikigezweho nuko Umwuka wera ararika akanihanisha umuntu akamwizanira mu itorero, maze abayozozi n'abizera tugakingura urugi rumusohora vuba adatindiganije, kubera imbuto mbi tumwerera no kutamwitaho nk'uruhinja mu by'umwuka. Harya ubu turi mu biki ? Ngo dutegereje Yesu gusaaa twiyicariye mu byacu nta gihinduka ngo akarengane karaje dutahe ! Mbabwire, niba nta gihindutse ngo tube abo tugomba kuba bo, tuzumirwa ! Mu gitabo cy'"umurimo wa gikristo" Umwuka w'ubuhanuzi aravuga ngo : igikenewe si ugutegereza Kristo gusa, ahubwo ni ukumutebutsa.

### 16.1) Inkomyi ikunda kuboneka mu babwiriza ubwo butumwa butabakoreramo

"Umubare munini w'abantu, babwirije Ijambo nabo ubwabo bataryizera by'ukuri, kandi batanubahiriza inyigisho zaryo. Ntabwo bari barahindutse cyangwa ngo bezwe. Bari abahakanyi. Nitwihanganira ibigeragezo, ubutungane buzuzuzwa mu buzima bwacu. Icyo dukeneye, ni uguhumekerwamo ibiturutse ku musaraba w'i Kaluvari. Ubwo Imana izafungura amaso yacu tuzabona ko hatariho umushyikirano na Yesu ntabwo dushobora gutsinda mu murimo wacu dukorera Umwigisha. Niba turi abakozi nyabo b'Imana, ntabwo tuzagira idini ipfuye ry'imitekerereze gusa,



Scanned by CamScanner

ahubwo ububasha bw'Umwuka wa Yesu buzagaragarira mu mitima yacu." **Urwibutso n'integuza, 31 Mutarama 1893.**

"Benshi ni ababwiriza amahame n'amabwiriza agenga kwizera kwacu, ariko icyo batanga gisa n'umunyu wakayutse: Umwuka Wera ntakorera mu murimo wabo utarangwamo kwizera. Ntabwo bakinguriye imitima yabo ubuntu bwa Kristo; ntabwo bazi umurimo w'Umwuka Wera, bameze nk'umutsima udafite umusemburo. Nta hame na rimwe rikorera mu murimo wabo, kandi ntibashobora kugira imitima bagarurira Kristo: *ntabwo bambaye uwo mwambaro, kandi nta n'ubwo bawuzi. Ni isoko batigeze na rimwe bashokaho.*" **Urwibutso n'integuza, 29 Ugushyingo 1892.**

"Ako kaga karacyakomeje na n'ubu. Abantu benshi bibwira ko ari abakristo kubera gusa ko hari ihame ry'iby'iyobokamana bakurikiza. Ariko ntibigeze binjiza ukuri mu buzima bwabo n'imigirire yabo kandi ntabwo bigeze bakugira intego yo kwizera kwabo n'urukundo rwabo; niyo mpamvu batigeze bakira imbaraga n'ubuntu, imbuto z'ukuri kweza. Umuntu ashobora gufata ingamba zo kwizera ukuri, ariko iyo adashikamye ngo abe umunyarukundo, wihangana kandi ngo acengerwe n'ibitekerezo byo mu ijuru, uwo muntu yibera umuvumo, akanawubera isi." **Uwifuza ibihe byose, p. 134, 135.**

"Iyo iby'Imana ishaka bibereye umuntu umutwaro, imibereho ye ntiba ari iya Kristo. Niba ubona ko ibyo wizera bidahuje n'ibyo wigishwa, ntugasobanure ukuri ubogamiye ku byo wizera ahubwo wemere umucyo nk'uko uwuhawe." **Imigani ya Kristo, vol.I p.41,48.**



Scanned by CamScanner

"Ibihamya bicyaha ibyaha byawe. Rwose ntuzigere uhitamo kutumvira ibihamya ngo unezezwe no gukora ibyo kamere yawe yifuza cyangwa ngo utangire gushidikanya wibaza niba ibihamya bikomoka ku Mana. Ujye wibuka ko kutizera kwawe kutagira icyo guhindura ku kuri kw'ibihamya. Niba ibihamya bikomoka ku Mana, nta kizabikoma mu nkokora. Abantu bagerageza gutuma ubwoko bw'Imana bureka kwiringira ibihamya, bararwanya Imana, baratuka Imana yavuganye na twe ikoreshaje ibihamya.“ **Ibihamya by'itorero, vol. 4. P.234,235. Gutegeka kwa kabiri 6:24,25.**

**16.2) Ubu butumwa buzavugwa n'intwarane**

"Nuko rero kimwe no mu myaka ya kera, ukuri kwatura icyaha n`ibicumuro byo muri iki gihe ku mugaragaro, kuzabyutsa intambara. Kuko umuntu wese uko ibibi yanga

umucyo ngo ibyo akora bitamenyekana. Iyo abantu babonye ko batabasha gushyigikira ukuri kwabo bakoresheje Ibyanditswe byera bahitamo kugushyigikiza amagambo gusa nuko abanzi bakaboneraho gusebya imico n'inyifato y'abahagaze barwanira ukuri kudashyigikiwe na benshi. Niko byakomeje kujya bigenda mu mateka yo myaka myinshi. Eliya yarezwe ko yateje ibyago mu gihugu. …Mu gihe bimeze bityo, umubwiriza-butumwa bw'ukuri akwiriye kwifata ate ? Akwiriye guceceka ukuri ntikwigishwe kuko byatera abantu guhaguruka bakurwanya ku mugaragaro ? Oya, nta mpamvu yatuma umuntu areka guhamya Ijambo ry'Imana ngo nuko abantu bazahaguruka bakarirwanya nk'uko bagenje abagorozi ba mbere….Dukwiriye guhitamo ukuri kuko ari ukuri, ingaruka zabyo tukazirekera mu maboko y'Imana. Abantu bafite amategeko



Scanned by CamScanner

y'Imana bakagira kwizera n'ubutwari, barimo umwenda wo guhindura iyi si. Abo nibo bakwiriye gukora umurimo w'ubugorozi muri iki gihe." **Intambara ikomeye nini, p.392, 394.**

"Inshuro nyinshi imibereho y'umukristo iba igoswe n'akaga kandi rimwe na rimwe inshingano igasa n'aho iruhije kuzuzwa. Intekerezo ze zikamwereka kurimbuka imbere ye, inyuma ye akahabona ububata n'urupfu. Nyamara kandi ijwi ry'Imana riba rivuga mu buryo busobanutse rigira riti: ''jya mbere!'' Tugomba kumvira iryo tegeko kabone nubwo amaso yacu atabasha guhinguranya umwijima uturi imbere, ndetse ibirenge byacu bitangiye kurengerwa n'umuraba. Inkomyi ziburizamo amajyambere yacu ntizizigera ziva imbere y'intekerezo zitari kwifatira imyanzuro kandi zishidikanya. Abatekereza kuzumvira ari uko igicu cyo kuburagizwa kizaba kimaze gukurwaho hatakiriho icyatuma umuntu atsindwa cyangwa ngo acogore, bene abo ntibazigera bumvira na rimwe. Kutizera kujya kongorera kuti ''Tegereza inzitizi zibanze ziveho, maze ubone inzira yawe neza;' nyamara kwizera ''kwiringira byose'' kandi '' kwizera byose'' kuvugana umwete kugira kuti ''jya mbere!' **Patriarches et Prophètes, p. 293, 294.**

"Abigishwa ba Yesu, bagomba kugira akanyabugabo, umwete no kutarambirwa. Nubwo inkomyi zigaragara nk'izitasimbukwa zakwitambika mu nzira yabo, ku bw'ubuntu bwayo bagomba kujya mbere. Aho kwivovotera ingorane, nibihatire kuzambukiranya. Nta kigomba kubihebesha, ahubwo bagomba kwiringira byose. Yesu yabaziritse ku Ntebe y'Imana akoresheje umunyururu w'izahabu arirwo rukundo rwe rutagira akagero.



Scanned by CamScanner

Umugambi we ni uko imbaraga ihebuje ibyaremwe, ikomoka kuri soko y'ubushobozi bwose, izaba iyabo. Bagomba kugira imbaraga yo guhangana n'ikibi, imbaraga idashobora gutsindwa n'isi n'urupfu cyangwa ikuzimu ariyo mbaraga izabashoboza kunesha nk'uko Kristo yaneshejе." **Le Ministère Evangélique, p. 35; Gospel Workers, p. 39.**

"Imana ishaka abantu bàmeze nka Eliya, Natani, Yohana Umubatiza – abantu bamamaza ubutumwa bwayo bakiranutse, batitaye ku ngaruka bizana, abagabo bazavugana ukuri ubutwari, kabone n'ubwo ibyo byatuma batamba ibyo batunze byose." **Prophètes et Rois, p. 103; Prophets and Kings, p. 142.**

"Abagaragu b'Imana bagomba kwitega ibicantege by'uburyo bwose. Ntibazageragezwa gusa n'uburakari, no gusuzugurwa hamwe n'ubugome bw'abanzi, ahubwo bazanageragezwa n'ubunenganenzi, kutagira umugambi uhamye, akazuyaze hamwe n'ubugambanyi bw'inshuti n'abo bafatanyije umurimo…Ndetse na bamwe mu bantu basa n'abifuza ko umurimo w'Imana utera imbere baca intege amaboko y'abagaragu b'Imana bategera amatwi kandi bakemera amazimwe avugwa n'abanzi babo, bakayakwirakwiza kandi bashidikanishwa n'ibikangisho no kwiyemera by'abanzi babo…. Mu ngati y'urucantege rwinshi, Nehemiya yateze amakiriro ku Mana; kandi natwe Imana ni yo gihome cyacu. Kwibuka ibyo Imana yadukoreye bizatubera ubufasha mu kaga kose. ''Mbese ubwo itimanye umwana wayo ikamutanga ku bwacu, izabura ite kumuduhana n'ibindi byose?'' Kandi ''Niba Imana iri mu ruhande rwacu, umubisha wacu azaba nde?'' Ubucakura ubwo aribwo bose satani n'abakozi be bakoresha



Scanned by CamScanner

badutega imitego, Imana ishobora kuyitahura, kandi igahindura ubusa inama zabo." **Southern Watchman, 19/04/1904.**

"Muri iyi minsi yacu, abantu babwiriza ukuri kuzwi na bake ntibagomba gucogora igihe batakiriwe mu buryo bushimishije, nubwo haba ari mu biyita abakristo, nk'uko byagendekeye Paulo na bagenzi be mu bo bakoreraga. Intumwa z'umusaraba zigomba kwitangira kuba maso hamwe no gusenga bakajya mbere bafite umwete no kwizera, bakora ubudacogora mu izina rya Yesu." **The Actes of the Apostles, p. 230.**

"Icyo itorero rikeneye muri iki gihe cy'impagarara , ni umutwe w'ingabo z'abakozi, bimenyereza kuba ingirakamaro nka Paulo, abakozi bafite inararibonye yimbitse mu by'Imana, kandi buzuye ishyaka n'umwete ugurumana. Hakenewe abantu bejejwe kandi biteguye kwitambaho igitambo, abagabo badahunga inshingano cyangwa ikigeragezo, abantu b'intwari kandi b'abanyakuri; abantu Kristo yaremewe mu mitima yabo, We Byiringiro by'ubwiza, abo iminwa yabo yakojejweho ikara ryera , nibo bazabwiriza ijambo. Umurimo w'Imana uheneberezwa no kubura abantu bameze nk'abo, kandi amafuti y'injyanamuntu, ameze nk'uburozi bwica, ahindanya ubwenge kandi akijimisha ibyiringiro by'umugabane munini wa bene muntu." **Conquérants Pacifiques , p. 452, 453; The Acts of the Apostles, p. 507**

"Imana ntishobora gukoresha abagera mu gihe cy'akaga, aho icyitegererezo, imbaraga n'umuhati wabo byari bikenewe, bagatinya guhagarara bashikamye mu birindiro kugira ngo



Scanned by CamScanner

barengere iby'ukuri. Irahamagara abantu barwanya ikibi bakiranutse, bahanganye n'abatware, n'abafite ubushobozi, n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru. Bene abo ni bo umunsi umwe izabwira aya magambo ngo ''Nuko nuko, mugaragu mwiza ukiranuka;...injira mu munezero wa Shobuja." **Prophètes et Rois, p. 103, 104; Prophets and Kings, p.142**



Scanned by CamScanner

# INTEGUZA

No 6

"Nta kwicuza na kumwe kwaba ari uk'ukuri iyo kutazanye igikorwa cy'ubugorozi. Gukiranuka kwa Kristo si umwenda ugenewe gutwikira ibyaha umuntu adashaka kwicuza ngo abireke, ni ihame ry'ubuzima ruhindura imico rikayobora imyifatire. Ubutungane bushingiye ku kwiyegurira Imana burundu, ni ukuyegurira umutima wose, no kureka ubuzima bwose bukagengwa n'amahame y'ijuru."

**Uwifuzwa ibihe byose, p. 263, 264.**

Scanned by CamScanner